| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE N° 54/2022 YO KU WA 01/09/2022 AGENGA ABATANGA AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA** | **REGULATION N° 54/2022 OF 01/09/2022 GOVERNING THE ELECTRONIC MONEY ISSUERS** | **RÈGLEMENT N° 54/2022 DU 01/09/2022 RÉGISSANT LES ÉMETTEURS DE MONNAIE ÉLECTRONIQUE** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije** | **Article one: Purpose of this regulation** | **Article premier: Objet du présent Règlement** |
| **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 2: Definitions** | **Article 2: Définitions** |
| **Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya mabwiriza rusange** | **Article 3: Scope of application** | **Article 3: Champs d'application** |
| **UMUTWE WA II: URUHUSHYA RW'ITANGWA RY'AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA** | **CHAPTER II: AUTHORISATION FOR E-MONEY ISSUANCE** | **CHAPITRE II: AUTORISATION POUR L'ÉMISSION DE MONNAIE ÉLECTRONIQUE** |
| **Ingingo ya 4: Itangwa ry'uruhushya** | **Article 4: Licensing** | **Article 4: Agrément** |
| **Ingingo ya 5: Kwemerera ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa gutanga mafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **Article 5: Authorisation of deposit-taking financial institution to issue e-money** | **Article 5: Autorisation d'une institution financière de dépôt d'émettre la monnaie électronique** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Ihagarikwa rya serivisi zo gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **Article 6: Discontinuation of e-money services** | **Article 6: Cessation des services d'émission de la monnaie électronique** |
| **Ingingo ya 7: Ingaruka zo guhagarika serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **Article 7: Effect of discontinuation of e-money services** | **Article 7 : Effet de l'arrêt des services de monnaie électronique** |
| **UMUTWE WA III : IMICUNGIRE YA KONTI Z'AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA** | **CHAPTER III: E-MONEY ACCOUNT MANAGEMENT** | **CHAPITRE III : GESTION DE COMPTES DE MONNAIE ÉLECTRONIQUE** |
| **Ingingo ya 8: Ibyiciro bya konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **Article 8: Categories of e-money accounts** | **Article 8: Catégories de comptes de monnaie électronique** |
| **Ingingo ya 9: Ibyitabwaho by'ingenzi mu gufungura konti no kugenzura umukiriya** | **Article 9: Minimum account opening requirements and customer due diligence** | **Article 9: Les exigences minimales d'ouverture de compte et diligence à l'égard du client** |
| **Ingingo ya 10: Ikoreshwa rya konti** | **Article 10: Account activation** | **Article 10: Activation du compte** |
| **Ingingo ya 11: Amasezerano yerekeye serivisi z'abakiriya n'amategeko n'amabwiriza** | **Article 11: Customer services agreements and terms and Conditions** | **Article 11: Accords de services à la clientèle et termes et conditions** |
| **Ingingo ya 12: Ibikubiye mu masezerano yerekeye serivisi z'abakiriya** | **Article 12 : Content of the customer service agreement** | **Article 12: Contenue de l'accord de service service à la clientèle** |
| **Ingingo ya 13: Ibyerekeye kubika ibanga ry'amakuru y'umukiriya cyangwa umugenerwabikorwa** | **Article 13: Confidentiality of customer or beneficiary information** | **Article 13: Confidentialité des informations du client ou du bénéficiaire** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 14</u> : Ibisabwa ku makarita y'agaciro k'ibibitswe** | **<u>Article 14</u>: Requirements for stored value cards** | **<u>Article 14</u> : Exigences pour les cartes à valeur stockée** |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IMICUNGIRE Y'IBYATEZA INGORANE** | **<u>CHAPTER IV</u> : RISK MANAGEMENT** | **<u>CHAPITRE IV :</u> GESTION DES RISQUES** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Amabwiriza y'imiyoborere agenga ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 15</u>: Corporate governance rules applicable to non-deposit taking e- money issuers** | **<u>Article 15</u>: Les règles de gouvernance des institutions applicables aux émetteurs de monnaie électronique n'acceptant pas de dépôt** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Ibisabwa ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gikora indi mirimo itari gutanga serivisi zo kwishyurana** | **<u>Article 16:</u> Specific requirements for e-money issuer providing the activities other than the payment services** | **<u>Article 16</u>: Exigences spécifiques pour les émetteurs de monnaie électronique fournissant des activités autres que les services de paiement** |
| **<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'inama y'ubutegetsi** | **<u>Article 17</u>: Responsibilities of the of directors** | **<u>Article 17</u>: Les résponsabilités du conseil d'administration** |
| **<u>Ingingo ya 18</u> : Ishyirwaho rya komite z'inama y'ubutegetsi** | **<u>Article 18</u>: Establishment of board committees** | **<u>Article 18 :</u> Constitution des comités du conseil d'adminitration** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano za komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe ubugenzuzi** | **<u>Article 19</u>: Responsibilities of the board audit committee** | **<u>Article 19:</u> Responsabilités du comité d'audit du conseil d'administration** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Inshingano za komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe gucunga ibyateza ingorane** | **<u>Article 20</u>: Responsibilities of the board risk management committee** | **<u>Article 20 :</u> Responsabilités du comité de gestion des risques du conseil d'administration** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Imyitwarire y'abagize inama y 'ubutegetsi** | **<u>Article 21</u>: Behavior of members of the board of directors** | **<u>Article 21</u>: Comportement des membres du conseil d'administration** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 22: Ibigenderwaho mu gusuzuma niba abagize inama y'ubutegetsi babikwiriye.** | **Article 22: Criteria to assess the suitability of the board of directors** | **Article 22: Critères d'appréciation de l'aptitude des membres du conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 23: Ibisabwa mu bijyanye n'amafaranga** | **Article 23: Liquid Assets Requirements** | **Article 23: Les exigences relatives aux actifs liquides** |
| **Ingingo ya 24 : Kurinda amafaranga ahuriweho** | **Article 24: Protection of the the trust fund** | **Article 24: Protection des fonds en fiducie** |
| **Ingingo ya 25: Gutandukanya amafaranga ahuriweho mu bigo by'imari.** | **Article 25: Diversification of trust funds in financial institutions** | **Article 25: Diversification des fonds fiduciaires dans les institutions financières** |
| **Ingingo ya 26: Konti ihuriweho na konti yihariye** | **Article 26: Trust account and special account** | **Article 26: Compte en fiducie et compte spécial** |
| **Ingingo ya 27 : Ishyirwaho ry'ubwizerane** | **Article 27: Establishment of a Trust** | **Article 27 : Établissement d'une fiducie** |
| **Ingingo ya 28 : Ibikubiye mu nyandiko y'imenyekanisha** | **Article 28: Content of the written declaration** | **Article 28 : Contenu de la déclaration écrite** |
| **Ingingo ya 29 : Ibigomba kubahirizwa** | **Article 29: Compliance Requirements** | **Article 29: Exigences de conformité** |
| **Ingingo ya 30: Kubika inyandiko** | **Article 30: Record keeping** | **Article 30: Tenue de registres** |
| **Ingingo ya 31: Kwemeza na raporo zihariye** | **Article 31: Approvals and specific reports** | **Article 31: Approbations et rapports spécifiques** |
| **Ingingo ya 32: Ubufatanye na Banki Nkuru** | **Article 32: Collaboration with the Central Bank** | **Article 32: Collaboration avec la Banque Centrale** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Imicungire y'ikomeza ry'imirimo** | **<u>Article 33</u>: Business continuity management** | **<u>Article 33</u> : Gestion de la continuité des opérations** |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: IBYEREKEYE IMIKORERE** | **<u>CHAPTER V</u>: OPERATIONAL ARRANGEMENTS** | **<u>CHAPITRE V</u>: ARRANGEMENTS OPERATIONNELS** |
| **<u>Ingingo ya 34:</u> Ibikorwa byemewe n'ibitemewe** | **<u>Article 34</u>: Permitted and prohibited activities** | **<u>Article 34:</u> Activités autorisées et interdites** |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Gutanga no kwisubiza amafaranga** | **<u>Article 35</u>: Issuance and redeemability** | **<u>Article 35</u>: Émission et remboursabilité** |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Umubare ntarengwa w'amafaranga yohererezanywa n'abikwa** | **<u>Article 36</u>: Transaction and balance limits** | **<u>Article 36</u> : Limites de transaction et de solde** |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Ihererekanwa ry'amafaranga hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 37</u>: Over-the-counter transactions** | **<u>Article 37</u>: Opérations de gré à gré** |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Kubuza inyungu kuri konti ihuriweho** | **<u>Article 38</u>: Prohibition of interest on trust account** | **<u>Article 38</u> : Interdiction des intérêts sur le compte fiduciaire** |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Ibaruramari n'itangazwa ry'amafaranga ahuriweho** | **<u>Article 39</u>: Accounting and disclosure of trust funds** | **<u>Article 39</u> : Comptabilité et divulgation des fonds fiduciaires** |
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Guhwanya ubwishyu** | **<u>Article 40</u>: Settlement of transactions** | **<u>Article 40</u>: Compansation** |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Kumenyekanisha igikorwa** | **<u>Article 41</u>: Transaction notification** | **<u>Article 41</u>: Notification des opérations** |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Ikoranabuhanga rikoreshwa** | **<u>Article 42</u>: Technology to be used** | **<u>Article 42</u>: Technologie à utiliser** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER VI</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 43</u>: Ingingo y'inzibacyuho** | **<u>Article 43</u>: Transitional provision** | **<u>Article 43:</u> Disposition transitoire** |
| **<u>Ingingo ya 44</u>: Ibihano byo mu rwego rw'ubuyobozi** | **<u>Article 44</u>: Administrative sanctions** | **<u>Article 44:</u> Sanctions administratives** |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza** | **<u>Article 45</u>: Repealing provision** | **<u>Article 45</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 46</u>: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa** | **<u>Article 46</u>: Commencement** | **<u>Article 46</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE N° 54/2022 YO KU WA 01/09/2022 AGENGA ABATANGA AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA** | **REGULATION N° 54/2022 OF 01/09/2022 GOVERNING THE ELECTRONIC MONEY ISSUERS** | **RÈGLEMENT N° 54/2022 DU 01/09/2022 RÉGISSANT LES ÉMETTEURS DE MONNAIE ÉLECTRONIQUE** |
| Ishingiye ku Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 6*bis*, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15 ; | Pursuant to Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda as amended to date, especially its articles 6, 6*bis* 8, 9, 10 and 15; | Vu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 6, 6*bis*, 8, 9, 10 et 15 ; |
| Ishingiye ku Itegeko nº 061/2021 ryo ku wa 14/10/2021 rigenga uburyo bwo kwishyurana, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 15 n'iya 55 ; | Pursuant to Law n° 061/2021 of 14/10/2021 governing Payment System, especially its articles 6, 15 and 55; | Vu la Loi nº 061/2021 du 14/10/2021 régissant le système de paiement, spécialement en ses articles 6, 15 et 55; |
| Ishingiye ku Itegeko nº 063/2021 ryo ku wa 14/10/2021 rigenga ibigega by'ubwizerane, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 iya 6 n'iya 10 ; | Pursuant to the Law n° 063/2021 of 14/10/2021 governing trusts, especially its articles 3, 6 and 10; | Vu la Loi nº 063/2021 du 14/10/2021 régissant les fiducies, spécialement en ses articles 3, 6 et 10 ; |
| Ishingiye ku Itegeko nº 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu cyane mu ngingo zaryo, iya 2, iya 9, iya 10 n'iya 20 ; | Pursuant to the Law nº 75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction as amended to date, especially its articles 2, 9, 10 and 20; | Vu la Loi nº 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive telle que modifiée jusqu'à ce jour, spécialement en ses articles 2, 9, 10 et 20 ; |
| Ishingiye ku Itegeko n° 058/2021 ryo ku wa 13/10/2021 ryerekeye kurinda amakuru bwite | Pursuant to the Law nº 058/2021 of 13/10/2021 relating to the protection of personal data and | Vu la Loi nº 058/2021 du 13/10/2021 relative à la protection des données à caractère |

| | | |
|---|---|---|
| n'imibereho bwite by'umuntu, cyane mu ngingo zaryo, iya 2, iya 11 n'iya 17 ; | privacy, especially its articles 2, 11 and 17; | personnel et de la vie privée, spécialement en ses articles 2, 11 et 17 ; |
| Isubiye ku Mabwiriza n° 08/2016 yo ku wa 01/12/2016 agenga abatanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ; | Having reviewed the regulation nº 08/2016 of 01/12/2016 governing the electronic money issuers; | Revu le règlement n° 08/2016 du 01/12/2016 régissant les émetteurs de monnaie électronique ; |
| Banki Nkuru y'u Rwanda, yitwa «**Banki Nkuru**» mu ngingo zikurikira, ishyizeho amabwiriza rusange akurikira : | The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as «**Central Bank**» issues the following regulation: | La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée «**Banque Centrale**», édicte le présent règlement : |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza rusange agamije** | **<u>Article One:</u> Purpose of this regulation** | **<u>Article premier</u> : Objet du présent règlement** |
| Aya mabwiriza agena amategeko agenga ibikorwa by'abatanga amafaranga yo mu buryo bw'ikoranabuhanga n'ingamba zo kurindira umutekano amafaranga yo mu buryo bw'ikoranabuhanga. | This regulation sets forth the rules governing activities of electronic money issuers and the safeguarding measures of electronic money. | Le présent règlement établit des règles régissant les activités des émetteurs de monnaie électronique et les mesures de sauvegarder la monnaie électronique. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 2</u>: Definitions** | **<u>Article 2</u>: Définitions** |
| Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira asobanura : | In this regulation, the following terms shall mean: | Dans le présent règlement, les termes et expressions suivants signifient : |
| 1° **intumwa** : umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi cyemewe n'amategeko giha abakiriya serivisi z'amafaranga ari mu buryo | 1° **agent:** an individual person or legal entity providing services of the e-money issuance to customers on behalf of the e-money issuer under agency agreement; | 1° **agent :** une personne physique ou morale offrant des services d'émetteur de monnaie électronique à la clientèle pour le compte de l'émetteur de monnaie |

| | | |
|---|---|---|
| bw'ikoranabuhanga mu izina ry'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga hashingiwe ku masezerano y'ubutumwa ; | | électronique en vertu d'un contrat d'agence ; |
| 2° **iyemererwa** : uruhushya cyangwa icyemezo Banki Nkuru iha ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ; | 2º **authorization:** the license or approval provided by the Central Bank to an e-money issuer; | 2° **autorisation :** l'approbation ou l'agrément fourni par la Banque Centrale à un émetteur de monnaie électronique ; |
| 3° **banki :** ikigo kigenzurwa nka "banki" kandi cyemerewe kwakira no kubika amafaranga ya rubanda ; | 3º **bank**: an institution regulated as a bank and authorized to collect deposits from the public; | 3° **banque :** un établissement réglementé en tant que banque et autorisé de collecter les dépôts du public; |
| 4° **umugenerwabikorwa :** umuntu wese ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga utari ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ; | 4º **beneficiary**: any person who holds any e-money amount except the e-money issuer; | 4° **bénéficiaire** : titulaire de monnaie électronique sauf le l'émetteur de monnaie électronique d'être bénéficiaire ; |
| 5° **kubika :** kwakira inoti cyangwa ibiceri maze hagakurikizwa uburyo buteganyijwe kugira ngo amafaranga abikwe kuri konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'umukiriya. Kubika hakubiyemo kohereza amafaranga bikozwe n'umukiriya ayavana kuri konti ye iri mu kigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa ashyirwa kuri konti ye y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ; | 5º **cash-in**: accepting banknotes or coins and performing the necessary steps to initiate the crediting of that monetary value to the customer's e-money account. The "cash in" includes a transfer of money by a client of deposit-taking financial institution from their own account held in the financial institutions to their own e-money account; | 5° **encaissement** : accepter des billets ou pièces de monnaie et effectuer les étapes nécessaires pour initier la comptabilisation par crédit de cette valeur monétaire sur le compte de monnaie électronique du client. L'encaissement comprend aussi transférer l'argent par un client de son compte tenu dans une institution financière de dépôt vers son compte de monnaie électronique ; |

| | | |
|---|---|---|
| 6° **kubikuza :** gutanga inoti cyangwa ibiceri maze hagakurikizwa uburyo buteganyijwe kugira ngo habikuzwe amafaranga kuri konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'umugenerwabikorwa. Kubikuza hakubiyemo kandi kohereza amafaranga bikozwe n'umugenerwabikorwa ayavana kuri konti ye y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ayashyira kuri konti ye iri mu kigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa | 6º **cash-out:** means giving out banknotes or coins and performing the necessary steps to initiate the debiting of that monetary value from the beneficiary's e-money account. The "Cash out" includes a transfer of money by beneficiary from his/her e-money account to his/her own account held in deposit-taking financial institution | 6° **retrait :** donner des billets de banque ou pièces de monnaie et effectuer les mesures nécessaires pour initier le prélèvement par débit de cette valeur monétaire sur le compte de monnaie électronique du bénéficiaire. Le retrait comprend aussi transférer l'argent par un bénéficiaire de son compte de monnaie électronique vers son compte tenu dans une institution financière de dépôt ; |
| 7° **ikigo gicunga umutungo uhuriweho n'abandi nk'umwuga :** ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gishyirwaho mu nyandiko ngo gicunge amafaranga ahuriweho mu izina ry'abagenerwabikorwa ; | 7º **trustee:** the e-money issuer established by a written declaration to manage trust fund on behalf of the beneficiaries; | 7° **fiducie d'entreprise :** l'émetteur de monnaie électronique établi par une déclaration écrite pour gérer le fonds fiduciaire au nom des bénéficiaires ; |
| 8° **umukiriya :** ukoresha serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. Umukiriya kandi ushobora kuba afite konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga itariho amafaranga cyangwa ntayo afite; | 8º **customer:** any user of the services of e-money . A customer may have an e-money account with zero balance or may not have an e-money account; | 8° **client :** tout utilisateur des services de monnaie électronique. Le client peut avoir un compte de monnaie électronique avec un solde nul ou pas être le détenteur de monnaie électronique; |
| 9° **kugenzura umukiriya :** uburyo bwo kubona amakuru yerekeye umukiriya no kugenzura/gusuzuma agaciro k'amakuru ahandi hizewe kandi higenga mu rwego | 9º **customer due diligence :** the process of obtaining customer information and verifying/assessing the value of the information from independent and reliable | 9° **vigilance à l'égard de la clientèle :** le processus d'obtention de renseignements sur les clients et la vérification/évaluation de la valeur de l'information provenant de |

| | | |
|---|---|---|
| rwo kumenya neza umukiriya no kuvumbura, kugenzura no kumenya ibikorwa bikemangwa ; | sources to identify the customer upfront, as well as to detect, monitor and report suspicious transaction; | sources indépendantes et fiables pour identifier le client dès le départ, ainsi que pour détecter, surveiller et signaler une opération suspecte; |
| 10° **imenyekanisha ry'ikigega cy'ubwizerane :** imenyekanisha ryanditse rikorwa n'ikigo gitanga amafaranga ko gifite umutungo uri mu ikigega cy'ubwizerane ; | 10º **Declaration of a trust**: a written declaration made by the e-money issuer that it holds funds under trust; | 10° **Déclaration de fiducie** : une déclaration écrite faite par l'émetteur de monnaie électronique qu'il détient le fonds en fiducie ; |
| 11° **amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** : umubare w'amafaranga agize umwenda ku uyatanga ari : | 11° **Electronic money or "e-money"**: monetary value as represented by a claim on its issuer, which is: | 11° **Monnaie électronique :** la valeur monétaire représentant une créance sur son émetteur, qui est : |
| a. abikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga; | a. electronically stored; | a. stockée par voie électronique; |
| b. atangwa hatanzwe amafaranga y'u Rwanda cyangwa irindi faranga ryemewe na Banki Nkuru ahwanye n'umubare utari munsi y'umubare w'amafaranga atangwa, kandi; | b. issued against receipt of currency of Rwanda or any other currency authorized by the Central Bank of an amount not lesser in value than the monetary value issued; and | b. émise contre la réception de la monnaie rwandaise ou de toute autre monnaie autorisée par la Banque Centrale d'un montant qui n'est pas inférieur à la valeur monétaire émise ; et |
| c. yemewe nk'uburyo bw'imyishyuranire hagati y'abantu bandi batari gusa ikigo kiyatanga; kandi; | c. accepted as a means of payment by persons other than the issuer; | c. acceptée comme moyen de paiement par des personnes autres que l'émetteur ; |
| d. abikuzwa ari amafaranga | d. redeemable into fiat or scriptural money; | d. convertible en monnaie fiduciaire ou scripturale. |

| | | |
|---|---|---|
| 12° **ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga:** umuntu ubikiwe amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kandi ushobora kuyaryoza ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 12º **e-money holder**: a person who has an e-money claim on an e-money issuer; | 12° **détenteur de monnaie électronique :** une personne qui détient la monnaie électronique représentant une obligation sur son émetteur ; |
| 13° **konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga:** konti iri mu kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kugira ngo hakorwe ibikorwa bishingiye ku mafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 13º **e-money account:** an account held with an e-money issuer for conducting e-money transactions; | 13° **compte de monnaie électronique :** désigne le compte détenu avec un émetteur de monnaie électronique pour effectuer des opérations de monnaie électronique ; |
| 14° **ibikorwa by'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga:** gutanga no kubikuza no kohererezanya amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, n'indi mirimo ishamikiyeho nk'uko iteganywa muri aya mabwiriza rusange. Ibikorwa by'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ntabwo bisobanura ibikorwa byo kwakira amafaranga abitswa. | 14º **e-money business:** the issuance and redemption and the transfer of the e-money as well as provision of closely related ancillary services in respect of the issuance and transfer as provided in this regulation. E-money business does not constitute the business of deposit-taking. | 14° **activités de monnaie électronique :** l'émission, le remboursement et le transfert de monnaie électronique ainsi que prestation des activités y connexes tels que prévu par le présent règlement**.** L'activité de la monnaie électronique ne constitue pas l'activité de collecte de dépôt. |
| 15° **imbumbe y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga abitswe:** igiteranyo cy'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga agize umwenda wose ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kibereyemo abakiriya mu gihe runaka; | 15º **e-money float or "float"**: the total outstanding e-money liabilities of the e-money issuer to its customers at any point in time; | 15° **monnaie électronique flottante ou le « flottant »** : l'encours total des obligations en monnaie électronique de l'émetteur de monnaie électronique à ses clients à un moment donné; |

| | | |
|---|---|---|
| 16° **ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga:** utanga serivisi y'imyishyuranire wemerewe gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga hakurikijwe amabwiriza rusange agenga abatanga serivisi z'imyishyuranire; | 16º **e-money issuer:** a payment service provider licensed or authorised to issue e-money under the regulations governing payment service providers; | 16° **émetteur de monnaie électronique :** un prestataire de service de paiement agréé ou autorisé à émettre la monnaie électronique en vertu du règlement régissant les prestataires de services de paiement ; |
| 17° **ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa:** ni banki cyangwa ikigo cy'imari iciriritse byemerewe kwakira no kubika amafaranga ya rubanda; | 17º **deposit-taking financial institution**: a bank or a microfinance institution authorized to collect deposits from the public; | 17° **institution financière de dépôt :** une banque ou une institution de microfinance autorisée de collecter les dépôts du public ; |
| 18° **kumenya umukiriya wawe :** amabwiriza yerekeye kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, asaba ikigo gitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa intumwa zacyo gukoresha uburyo bwo kugenzura umwirondoro w'abakiriya; | 18º **Know Your Customer :** rules related to anti-money laundering/countering the financing of terrorism which require e-money issuers or its agents to carry out procedures to identify a customer; | 18° **Connaissance du client :** les règles relatives à la lutte contre le blanchiment d'argent et combattre le financement du terrorisme obligeant l'émetteur de monnaie électronique ou ses agents à respecter certaines procédures pour la vérification de l'identité des utilisateurs ; |
| 19° **ikigo kitakira amafaranga abitswa :** ikigo cyashinzwe hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda ariko kitari ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa; | 19º **non-deposit taking institution:** an entity incorporated under the Laws of the Republic of Rwanda not as a deposit-taking financial institution; | 19° **institution n'acceptant pas de dépôt :** une entité constituée en vertu des lois de la République du Rwanda qui n'est pas une institution financière de dépôt; |
| 20° **umunyamigabane ufite uruhare rugaragara**: umuntu ufite imigabane | 20º **significant shareholder**: a person that, directly or indirectly, alone or in | 20° **actionnaire important** : une personne qui, dans une société d'émetteur de |

| | | |
|---|---|---|
| ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, iri yonyine cyangwa iri hamwe n'indi, ufite nibura gatanu ku ijana (5%) by'imari shingiro y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa by'uburenganzira bwo gutora bwa nyirayo cyangwa amuhesha ububasha bwagira ingaruka mu ifatwa ry'ibyemezo mu micungire yacyo; | conjunction with others, represents at least five percent (5%) of the capital or voting rights, or that makes it possible to exercise a significant influence over decisions related to the management of that e- money issuer; | monnaie électronique**,** directement ou indirectement, représente seule ou avec d'autres, au moins cinq pour cent (5%) de ses fonds propres ou de ses droits de vote ou qui permet d'exercer une influence significative dans la prise de décisions relatives à la gestion de l' émetteur de monnaie électronique; |
| 21° **konti ihuriweho:** konti yihariye itandukanye na konti ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kibikaho amafaranga yacyo ku giti cyacyo, ishyirwaho gusa amafaranga y'abakiriya ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 21° **trust account**: a separate account segregated from an e-money issuer's own funds, in which the e-money issuer is required to deposit all funds collected from e-money account holders. | 21° **compte en fiducie :** un compte distinct séparé d'un fonds de l'émetteur de monnaie électronique, dans lequel l'émetteur de monnaie électronique est tenu de déposer tous les fonds recueillis pour les clients ; |
| 22° **amasezerano yerekeye konti ihuriweho:** ni amasezerano hagati y'ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa cyafunguwemo konti ihuriweho n'ucunga iby'abandi w'umwuga akubiyemo amategeko n'amabwiriza agaragaza ko iyo konti ihuriweho itakoreshwa n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga mu bikorwa biterekeye serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 22° **trust account agreement:** is a contract between a deposit-taking financial institution holding the trust account and the e-money issuer as a trustee, whose terms and conditions of that account set up such that the trust account is not accessible for the operations not related to e-money services; | 22° **accord d'un compte en fiducie :** est un contrat entre une institution financière de dépôt détenant un compte en fiducie et le fidéicommissaire, dont les termes et conditions relatifs à ce compte sont mis en place de telle sorte que le compte en fiducie n'est pas accessible à l'émetteur de monnaie électronique pour les opérations non liées aux services de la monnaie électronique ; |

| | | |
|---|---|---|
| 23° **amafaranga ahuriweho:** amafaranga ari kuri konti zihuriweho; | 23º **trust fund:** a fund consisting of money held in trust accounts; | 23° **fonds fiduciaire** : un fond constitué de sommes d'argent détenues sur des comptes en fudicie ; |
| 24° **ikirango cyihariye:** uruvange rw'inyuguti, imibare cyangwa ibimenyetso utanga serivisi zo kwishyurana agaragariza ukoresha serivisi z'imyishyuranire kandi utanga serivisi z'imyishyuranire agomba kumenyekanisha ku buryo undi ukoresha serivisi z'imyishyuranire cyangwa konti yo kwishyuriraho y'undi utanga serivisi zo kwishyurana, urebwa n'igikorwa cyo kwishyurana bishobora kumenyekana nta kwibeshya; | 24º **unique identifier**: a combination of letters, numbers or symbols specified to the payment service user by the payment service provider and to be provided by the payment service user to identify unambiguously another payment service user or the payment account of that other payment service user for a payment transaction; | 24° **identifiant unique:** une combinaison de lettres, de chiffres ou de symboles indiqués à l'utilisateur de services de paiement par le prestataire de services de paiement et que l'utilisateur de services de paiement doit montrer de façon qu'un autre utilisateur de services de paiement ou le compte de paiement d'un autre utilisateur de services de paiement, impliqués dans l'opération de paiement puissent être identifiés sans ambiguïté. |
| 25° **konti yihariye:** konti yafunguwe mu kigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa kugira ngo ishyirweho amafaranga atangwa n'abakiriya maze akabikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga kandi akaba angana n'atangwa n'ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa; | 25º **special account:** an account opened by a deposit-taking financial institution to deposit funds received from customers in exchange of electronic money issued at equivalent value by the deposit-taking financial institution; | 25° **compte spécial :** un compte ouvert par une institution financière de dépôt pour y déposer des fonds reçus de clients en échange de la monnaie électronique émise à la valeur équivalente par institution financière de dépôt; |
| 26° **Ikarita y'agaciro k'ibibitswe:** ikarita aho amakuru ajyanye n'amafaranga ashobora kwiyongera kimwe n'uko yagabanuka; | 26º **stored Value Card:** a prepaid card in which the record of funds can be increased as well as decreased; | 26° **carte à valeur stockée** : une carte prépayée dans laquelle l'enregistrement des fonds peut être augmenté ou diminué; |

| | | |
|---|---|---|
| 27° **ihererekanwa ry'amafaranga hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga:** igikorwa cy'amafaranga gikorwa n'umukiriya akorana n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa intumwa hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga imwanditseho. Ibikorwa by'ihererekanwa ry'amafaranga hatifashishijwe konti bikorwa n'uwohereza n'uwakira byitwa ibikorwa bya « kashi kuri kashi » cyangwa « C2C ». | 27° **over-the-counter transaction or "OTC transaction"** a transaction conducted by a customer with an e-money issuer or its agents in cash without making use of an e-money account held in their own name. The sub-set of over-the-counter transactions for which this applies to both sender and recipient shall be called "Cash to-cash" or "C2C" transactions. | 27° **opération de gré à gré :** une opération réalisée en espèces par un client avec un émetteur de monnaie électronique ou ses agents sans faire usage à un compte de monnaie électronique détenu en son propre nom. Le sous-ensemble des opérations de gré à gré pour lequel cela vaut pour l'expéditeur et le destinataire est appelé « Cash-to-Cash » ou opérations "C2C". |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibirebwa n'aya mabwiriza rusange** | **<u>Article 3</u>: Scope of application** | **<u>Article 3</u> : Champs d'application** |
| Aya mabwiriza rusange areba: | This regulation applies to: | Le présent règlement s'applique : |
| 1º ikigo kitakira amafaranga abitswa gisanzwe cyemerewe na Banki Nkuru kandi cyifuza gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1º non-deposit taking financial institution authorized by the Central Bank and intending to issue e-money; | 1º à l'institution n'acceptant pas de dépôt agréé par la Banque Centrale et qui envisage d'émettre de la monnaie électronique; |
| 2º ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa cyemerewe na Banki Nkuru kandi cyifuza gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 2º deposit-taking financial institution authorized by the Central Bank and intending to issue electronic money; | 2º institution financière de dépôt autorisée par la Banque Centrale et qui envisage d'émettre de la monnaie électronique; |
| 3º ikigo cy'imari cyakira amafaranga | 3º the deposit-taking financial institution | 3º institution financière de dépôt qui |

| | | |
|---|---|---|
| abitswa kibitse amafaranga ahuriweho; | that hold trust funds; | détient des fonds en fiducie ; |
| 4º utanga serivisi z'ibikoresho byo kwishyurana mu buryo bw'ikoranabuhanga, bisaba ko habikwa umubare w'amafaranga runaka mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo uwo mubare wabitswe kuri izo nyandiko uhuye n'igisobanuro cy'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 4º service provider that issue electronic payment instruments, which require to store the monetary value in electronic form to the extent that the value stored on such devices falls under the definition of electronic money; | 4º au prestataire de service qui émettent des instruments de paiement électroniques, qui nécessitent de stocker la valeur monétaire sous forme électronique dans la mesure où la valeur stockée sur ces dispositifs relève de la définition de la monnaie électronique. |
| Aya mabwiriza rusange ntareba ibikoresho byo kwishyurana bishobora gukoreshwa gusa mu kugura ibicuruzwa cyangwa serivisi k'uwabishyiraho. | This regulation does not apply to payment instruments that can be used to acquire goods or services only in the premises used by the issuer. | Le présent règlement ne s'applique pas aux instruments de paiement qui peuvent être utilisés pour acquérir des biens ou des services que dans les locaux utilisés par l'émetteur. |
| **UMUTWE WA II: URUHUSHYA RW'ITANGWA RY'AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA** | **CHAPTER II: AUTHORISATION FOR E-MONEY ISSUANCE** | **CHAPITRE II: AUTORISATION POUR L'ÉMISSION DE MONNAIE ÉLECTRONIQUE** |
| **Ingingo ya 4 : Itangwa ry'uruhushya** | **Article 4: Licensing** | **Article 4 : Agrément** |
| Ikigo kitakira amafaranga abitswa gishaka gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba gukurikiza ibigenderwaho mu gutanga uruhushya biteganywa n'amabwiriza agenga abatanga serivisi zo kwishyurana. | A non deposit taking institution that intends to issue e-money shall adhere to licensing requirements established under the regulation governing payments services providers. | L'institution financière n'acceptant pas de dépôt souhaitant émettre la monnaie électronique doit se conformer aux conditions d'agrément tels qu'établies dans le règlement régissant les prestataires de services de paiement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Kwemerera ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa gutanga mafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 5</u>: Authorisation of deposit-taking financial institutions to issue e-money** | **<u>Article 5</u> : Autorisation d'une institution financière de dépôt d'émettre la monnaie électronique** |
| Ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa cyifuza gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba gukurikiza ibigenderwaho ku kwemererwa, biteganywa n'amabwiriza agenga abatanga serivisi zo kwishyurana. | A deposit-taking financial institution that intends to issue e-money shall adhere to approval requirements established under the regulation governing payments services providers. | L'institution financière de dépôt qui souhaite d'émettre la monnaie électronique doit se conformer aux conditions d'approbation telles qu'établies par le règlement régissant les prestataires de services de paiement. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Ihagarikwa rya serivisi zo gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 6</u>: Discontinuation of e-money issuance services** | **<u>Article 6</u>: Cessation des services d'émission de la monnaie électronique** |
| Ihagarikwa rya serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ribaho mu bihe bikurikira: | The discontinuation of e-money issuance services shall happen in the following cases: | La cessation des services de la monnaie électronique se produira dans les cas suivants : |
| 1º guhagarika ku bushake gukora ibikorwa byo gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1° voluntary discontinuation to conduct business of e-money issuance; | 1° la cessation volontaire de la conduite des affaires de l'émission de monnaie électronique ; |
| 2º kwamburwa cyangwa guhagarikirwa by'agateganyo uruhushya cyangwa iyemererwa; | 2° withdrawal or suspension of the license or approval; | 2° retrait ou la suspension de la licence ou l'approbation ; |
| 3º iseswa ry'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | 3° liquidation of the e-money issuer. | 3° liquidation de l'émetteur de monnaie électronique. |

| Ingingo ya 7: Ingaruka zo guhagarika serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga | Article 7: Effect of discontinuation of e-money issuance services | Article 7 : Effet de l'arrêt des services de monnaie électronique |
|---|---|---|
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyambuwe uruhushya cyangwa cyarusubije, gikora ibi bikurikira: | In the event that an e-money issuer's license or authorisation has been revoked or returned, e-money issuer shall: | Un émetteur de monnaie électronique, pour qui sa licence ou autorisation a été révoquée ou retournée, doit : |
| 1° mu gihe cy'iminsi irindwi uhereye ku itariki cyamenyesherejweho iyamburwa ry'uruhushya, gisubiza uruhushya Banki Nkuru; | 1° surrender the license certificate or the authorisation to the Central Bank within seven days from the date of the notice of revocation; | 1° dans les sept jours à compter à partir de la date de notification de l'avis de révocation, remettre le certificat de licence ou l'autorisation à la Banque Centrale ; |
| 2° gishyikiriza Banki Nkuru amakuru shingiro yose yerekeye amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, inyandiko zose ziri mu buryo bw'ikoranabuhanga zisomeka n'andi makuru y'ingenzi kugira ngo igire uruhare mu kwishyura abakiriya | 2° hand over the entire e-money database, electronic records in a readable format and other relevant information to the Central Bank to facilitate the processing of payments to the customers; | 2° remettre toute la base de données de la monnaie électronique, documents électroniques dans un format lisible et d'autres informations pertinentes à la Banque Centrale pour faciliter le processus des paiements des clients ; |
| 3° bigenzuwe na Banki Nkuru, kigabanya abagenerwabikorwa amafaranga ari kuri konti ihuriweho, bigakorwa mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), kubarwa uhereye ku itariki yamenyesherejweho iyamburwa ry'uruhushya cyangwa itariki byemejwe ko gisubiza uruhushya; | 3° under the supervision of Central Bank, distribute the funds held in the trust account to the beneficiaries within one (1) month, counting from the date of the notice of revocation or return of the license or authorisation; | 3° sous la supervision de la Banque Centrale, distribuer les fonds détenus dans le compte en fiducie aux bénéficiaires endéans un (1) mois, à compter de la date de l'avis de révocation de la licence ou de l'autorisation de la licence ; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° gishyikiriza Banki Nkuru raporo za buri kwezi zigaragaza uko cyirimo kwishyura; no | 4° submit the monthly reports of the ongoing distribution to the Central Bank; and | 4° soumet les rapports mensuels de la distribution en cours à la Banque Centrale ; et |
| 5° gihita ahagarika gukora ibikorwa by'itangwa ry'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose cyemewe giteganywa n'aya mabwiriza. | 5° cease immediately from carrying out e-money issuance or any other activity authorized under this regulation. | 5° cesse immédiatement de procéder à l'émission de monnaie électronique ou de toute autre activité autorisée par le présent règlement. |
| Iyo habayeho guhagarika ibikorwa hashingiwe ku bivugwa mu nginyo ya 6 y'aya mabwiriza rusange, ikigo gifite amafaranga ahuriweho gihita gihagarika ibindi bikorwa byo gukoresha ayo mafaranga kugeza igihe Banki Nkuru igihereye amabwiriza; kandi ishobora kumenyesha izindi nzego bireba harimo n'ikigo kigenzura serivisi z'itumanaho. | Where there is a discontiniuation based on the provisions of article 6 of this regulation, the institution holding the Trust funds shall cease forthwith further dealing with the funds until the institution receives instructions from the Central Bank; and may notify other relevant authorities including the regulator for communication services. | En cas de l'arrêt des services en raison de ce qui est prévu à l'article 6 du présent règlement, l'institution qui détient les fonds de fiducie cesser immédiatement de faire des nouvelles transactions avec les fonds jusqu'à ce que l'institution reçoive des instructions de la Banque Centrale; et peut informer les autres autorités compétentes, y compris l'organisme de réglementation pour les services de communication. |
| Haseguriwe ibivugwa mu bika byavuzwe haruguru muri iyi ngingo, mugihe habaye kwamburwa uruhushya cyangwa iyemererwa, Banki Nkuru ishobora gufata icyemezo cyo korehereza amafaranga ahuriweho mu kindi kigo cyemewe gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | Notwithstanding above paragagrahs, in case of revocation of the licence or the authorisation, the Central Bank may take a decision to transfer the trust fund to viable licensed e-money issuer. | Nonobstant les dispositions des paragraphes ci-dessus du présent article, en cas de révocation de l'agrément ou l'autorisation, la Banque centrale peut prendre une décision pour transférer les fonds fiduciaires à un émetteur de monnaie électronique agréé viable. |
| Iyo Banki Nkuru ibonye ko bikwiye, binyuranyije n'igika cya 1 agace ka 2º n'aka 3º by'iyi ngingo, ishobora gushyiraho umuntu | Where deemed necessary, the Central Bank, in contrast to the paragraph one item 2º and 3º of this article, may appoint a qualified person to | Dans le cas où la Banque Centrale juge appropriée, contrairement à l'alinéa premier, points 2º et 3º du présent article, il peut |

| | | |
|---|---|---|
| ubifitiye ubushobozi maze agasaranganya amafaranga asigaye kuri konti ihuriweho y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyahagaritswe mu gihe cy'iyamburwa ry'uruhushya. | distribute the balances held in the Trust account of the discontinued e-money issuer at the time of revocation. | désigner une personne qualifiée, afin de distribuer les soldes détenus dans le compte en fiducie de l'émetteur de monnaie électronique abandonné au moment de la révocation. |
| Iyo amafaranga ari kuri konti ihuriweho adahagije, abura yishyurwa ako kanya akuwe mu kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyambuwe uruhushya. | Any shortfall in the Trust account shall be recoverable directly from the revoked e-money issuer. | Tout déficit dans le compte en fiducie sera recouvrable directement auprès de l'émetteur de monnaie électronique révoqué. |
| **<u>UMUTWE WA III</u> : IMICUNGIRE YA KONTI Z'AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA** | **<u>CHAPTER III</u>: E-MONEY ACCOUNT MANAGEMENT** | **<u>CHAPITRE III :</u> GESTION DE COMPTES DE MONNAIE ÉLECTRONIQUE** |
| **<u>Ingingo ya 8</u> : Ibyiciro bya konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 8</u>: Categories of e-money accounts** | **<u>Article 8</u>: Catégories de comptes de monnaie électronique** |
| Konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ziri mu byiciro biri mu nzego zitandukanye hakurikijwe uburyo bushingiye ku ngorane mu bisabwa mu kumenya umukiriya wawe: | E-money accounts shall be at minimum categorised in tiers as part of a risk-based approach to KYC requirements: | Les comptes en monnaie électronique sont catégorisés dans les échelons, dans le cadre d'une approche axée sur les risques des exigences KYC : |
| 1° Urwego rwa I: Umukiriya ku giti cye; | 1° tier I: individual customer; | 1° échelon I: client individuel ; |
| 2° Urwego rwa II: Ibigo bifite ubuzima gatozi; | 2° tier II: legal persons | 2° échelon II : entités juridiques ; |
| 3° Urwego rwa III: Intumwa | 3° tier III: basic agents ; | 3° échelon III : agents de vente en détail ; |

| | | |
|---|---|---|
| zikwirakwiza ibicuruzwa na serivisi; | | |
| 4° Urwego rwa IV: Abacuruzi baranguza. | 4° tier IV: merchants. | 4° échelon IV : marchands |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ibyitabwaho by'ingenzi mu gufungura konti no kugenzura umukiriya** | **<u>Article 9:</u> Minimum account opening requirements and customer due diligence** | **<u>Article 9</u> : Les exigences minimales d'ouverture de compte et diligence à l'égard du client** |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigenzura ko uburyo bwo kwiyandikisha bubasha guha abiyandikishije icyemezo cy'uko iyandika ryabaye. | The e-money issuers shall satisfy that the registration system is capable of providing the registrants proof of successful registration. | Les émetteurs de monnaie électronique doivent assurer que le système d'enregistrement est capable de fournir aux personnes inscrites une preuve d'inscription réussie. |
| Kwandika abakiriya bishobora gukorwa huzuzwa urupapuro cyangwa inyandiko zo mu buryo bw'ikoranabuhanga, umukiriya agomba kuba gusa yemera amategeko n'amabwiriza bigenga serivisi. | The registration of customers may be done by filling the paper based or electronic forms, provided that the customer gives the consent to the terms and conditions governing the services. | L'enregistrement des clients peut être fait en remplissant les formulaires sur support papier ou sur support électronique, à condition que le client donne le consentement aux termes et conditions régissant les services. |
| Kugira ngo habeho gahunda ya "Menya umukiriya wawe" mu buryo bw'ikoranabuhanga, nomero y'indangamuntu cyangwa nomero ya pasiporo y'umukiriya igomba kugenzurwa hifashishijwe amakuru shingiro y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Indangamuntu cyangwa ubundi buryo bwigenga. | In order to satisfy the electronic Know Your Costomer, the identity card number or passport number of the customer shall be verified through the National Identification Agency's database or through independent sources. | Afin de satisfaire les exigences électroniques de connaitre son client, le numéro de la carte d'identité ou le numéro de passeport du client doit être vérifié à travers la base de données au sein de l'Agence Nationale d'Identification ou par d'autres sources indépendantes. |
| Mu rwego rwo kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, buri wese ufite | For purposes of anti money laundering and countering the financing of terrorism, each e– | Pour lutter contre le blanchiment d'argent et le financement du terrorisme chaque titulaire |

| | | |
|---|---|---|
| konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ahabwa ikirango kihariye hatitawe ku mubare wa konti yafunguye. | money account holder shall be given a unique identifier regardless of the number of accounts opened. | de compte en monnaie électronique se voit attribuer un identifiant unique quel que soit le nombre de comptes ouverts. |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigomba gufunguza konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga z'abakiriya babyo. | The e-money issuers shall open the e-money accounts of their customers. | Les émetteurs de monnaie électronique ouvrent les comptes de monnaie électronique de leurs clients. |
| Mu kugenzura umukiriya ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga byita ku bisabwa bikurikira: | When undertaking customer due diligence, the e-money issuers shall consider the following conditions: | Lors de diligence du client, les émetteurs de monnaie électronique tiennent compte des conditions suivantes : |
| 1° gushyira abakiriya mu nzego zitandukanye nk'uko zigaragara muri aya mabwiriza rusange; | 1° classify customers into various tiers as specified in this regulation; | 1° classifier les clients en différents échelons comme spécifié dans le présent règlement ; |
| 2° kudafungura konti mu izina ritazwi cyangwa ikigo kitazwi nyiracyo cyangwa cy'igihimbano; | 2° no account is to be opened in anonymous or fictitious name or entity; | 2° aucun compte ne doit être ouvert dans un nom ou entité anonyme ou fictive ; |
| 3° uretse kibiherewe uruhushya na Banki Nkuru, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gifunguza konti zitarenga eshatu zanditse ku mukiriya umwe; | 3° unless authorized by the Central Bank, an e-money issuer shall open at maximum three e-money accounts registered under one Customer; | 3° sauf sous l'autorisation de la Banque Centrale, un émetteur de monnaie électronique doit ouvrir au maximum trois comptes de monnaie électronique enregistrés sous le même client ; |
| 4° kwemera no guha serivisi abakiriya kimaze gusuzuma umwirondoro wabo; | 4° accept and serve customers only after verifying their identification; | 4° accepter et servir les clients qu'après avoir vérifié leur identification tel que ; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° kudafungura konti igihe umwirondoro wa nyirayo udashobora gusuzumwa ndetse na/cyangwa inyandiko/amakuru asabwa ataboneka/atakwemezwa bitewe n'uko umukiriya adatanga amakuru; | 5° not to open an account where the identity of the account holder cannot be verified and/or documents/information required could not be obtained/confirmed due to non-cooperation of the customer; | 5° ne pas ouvrir un compte lorsque l'identité du titulaire du compte ne peut pas être vérifiée et/ou les documents/les renseignements requis ne sauraient obtenu/confirmé en raison de la non-coopération du client; |
| 6° umwirondoro w'umukiriya mushya urasuzumwa mu rwego rwo kugenzura ko ntaho uhurira n'umuntu wakoze ibikorwa by'ubugizi bwa nabi cyangwa ibigo byashyizwe mu kato aha twavuga nk'abagize imitwe y'iterabwoba cyangwa imitwe y'iterabwoba ubwayo, n'ibindi; | 6° identity of a new customer to be checked so as to ensure that it does not match with any person with known criminal background or banned entities such as individual terrorists or terrorist organisations, etc.; | 6° l'identité d'un nouveau client doit être vérifiée afin de s'assurer qu'elle ne correspond pas à toute personne ayant des antécédents criminels connus ou à des entités proscrites comme des terroristes individuelles ou des organisations terroristes, etc; |
| 7° ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyifashishije serivisi zigendanwa kigenzura ko ikarita igendanwa igaragaza umwirondoro w'umufatabuguzi na nomero ya telefoni y'umukiriya byabaruwe kandi bihuye na nomero y'indangamuntu y'umukiriya. | 7° an e-money issuer that provide e-money service through mobile network shall ensure that the subscriber identity module card and mobile phone number of its customer are registered and match with the ID number of the customer. | 7° un émetteur de monnaie électronique prestataire des services de monnaie électronique par le réseau mobile doit s'assurer que la carte de module d'identité de l'abonné et le numéro de téléphone mobile de son client sont enregistrés et correspondent avec le numéro de la carte d'identité du client. |
| Umuntu ufite imyaka iri munsi ya cumi n'itandatu (16) cyangwa utemerewe gutunga inyandiko yemewe imuranga ashobora kugira konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga mu gihe cyose umwirondoro w'umubyeyi we cyangwa | A person with age less than sixteen (16) years or who is not entitled to hold an official identity document can hold e-money account if his/her parent or guardian is identified and registered in accordance with Know Your Customer or account opening requirements. | Une personne d'un âge inférieur à seize (16) ans ou qui n'est pas habilitée à détenir le document officiel d'identification peut tenir un compte de monnaie électronique pourvu que son parent ou tuteur soit identifié et enregistré selon les conditions de |

| | | |
|---|---|---|
| umwishingizi we ugaragajwe ukanandikwa hakurikijwe ibisabwa mu byerekeye kumenya umukiriya wawe no gufungura konti. | | connaissance du client ou d'ouverture de compte. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ikoreshwa rya konti** | **<u>Article 10:</u> Account activation** | **<u>Article 10:</u> Activation du compte** |
| Uburyo bw'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bugomba gutuma umukiriya wiyandikishije abasha gukoresha serivisi yifashishije umubare cyangwa ijambo by'ibanga cyangwa ubundi buryo bwizewe mbere yo gukora igikorwa icyo ari cyo cyose. | The e-money system shall prompt the registered customer to activate the service by use of a personal identification number or password or any other authentication process before commencement of any transaction processing. | Le système de monnaie électronique doit inciter le client enregistré à activer le service par l'utilisation d'un numéro d'identification personnel ou mot de passe ou tout autre procédé d'authentification avant le commencement de tout traitement d'opération. |
| Uburyo bwo gukoresha konti bwifashisha uburyo bwizewe bwo gukoresha ubutumwa kandi bubungabunga ukuri n'umutekano by'umwirondoro w'abakiriya. | The activation process, shall be through secured messaging systems, and ensure integrity and security of customer's identity. | Le processus d'activation doit être réalisée à travers les systèmes de messagerie sécurisés et assurer l'intégrité et la sécurité de l'identité des clients. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gifite inshingano zo kubungabunga ibyerekeye umutekano n'ukuri ku byereye ikoreshwa rya konti muri rusange. | The e-money issuer is responsible for the security and integrity of the entire activation process. | L'émetteur de monnaie électronique est responsable de la sécurité et l'intégrité de l'ensemble du processus d'activation. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Amasezerano yerekeye serivisi z'abakiriya n'amategeko n'amabwiriza** | **<u>Article 11:</u> Customer services agreements and terms and conditions** | **<u>Article 11</u>: Accords de services à la clientèle et termes et conditions** |
| Ikigo gitanga serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba: | The e-money issuer shall: | L'émetteur de monnaie électronique doit : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° kugirana amasezerano yerekeye serivisi z'abakiriya na buri wese ufite konti giha serivisi; | 1° enter into a customer service agreement with every account holder to which it renders services; | 1° conclure un accord de service à la clientèle pour chaque titulaire du compte à qui il fournit des services ; |
| 2° gushyikiriza Banki Nkuru kopi yemewe y'amasezerano/amategeko n'amabwiriza yerekeye serivisi z'abakiriya yifashishwa kuri buri serivisi ihabwa rubanda; | 2° submit to the Central Bank a copy of the standard customer service agreement/terms and conditions applicable to each service offered to the public; | 2° soumettre à la Banque Centrale une copie d'accord/termes et conditions standard de service à la clientèle applicable à chaque service offert au public ; |
| 3° iyo gifite konti itagikoreshwa gukurikiza ibiteganyijwe mu Mabwiriza rusange agenga ibyerekeye konti zitagikoreshwa; kandi | 3° in the event of handling a dormant account, comply with the provisions of the regulation governing dormant accounts; and | 3° dans le cas de manipulation d'un compte dormant ; se conformer aux dispositions de règlement régissant les comptes dormants ; et |
| 4° iyo gifite konti y'abantu bapfuye kubahiriza Itegeko ryerekeye izungura. | 4° in the case of a deceased persons' account, comply with the Law that governs succession. | 4° dans le cas d'un compte d'une personne décédée, se conformer à la Loi qui régit la succession. |
| **<u>Ingingo ya 12</u> : Ibikubiye mu masezerano yerekeye serivisi z'abakiriya** | **<u>Article 12 :</u> Content of the customer service agreement and terms and Conditions** | **<u>Article 12:</u> Contenue de l'accord de service service à la clientèle** |
| Amasezerano yerekeye serivisi z'abakiriya aba akubiyemo byibuze ibi bikurikira : | A customer service agreement shall, at a minimum include: | Un accord de service à la clientèle doit inclure, au minimum : |
| 1° umwirondoro urambuye w'ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'uw'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1° clear identification of the e-money holder and the actual e-money issuer; | 1° une identification claire du titulaire de la monnaie électronique et l'actuel émetteur de monnaie électronique ; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° serivisi zitangwa mu buryo burambuye ; | 2º a detailed description of the services offered; | 2º une description détaillée des services offerts ; |
| 3° uburyo bwo kubungabunga konti y'umukiriya ; | 3º procedures for maintaining a customer account; | 3º procédures de maintien d'un compte client ; |
| 4° ikugaragazwa ko kugira amafaranga y'abafite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitabangamira mu buryo ubwo ari bwo bwose ikoreshwa rya konti z'amafaranga abitswe yashyizwe hamwe zafunguwe mu mazina y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ; | 4º state in its fine print that the ownership of the e-money holders' funds is not in any way impaired by the use of pooled float accounts established in the name of the e-money issuer; | 4° énoncer dans ses subtilités que l'actionnariat des titulaires des fonds de la monnaie électronique n'est pas en aucun cas entravé par l'utilisation des comptes flottants groupés établis au nom de l'émetteur de monnaie électronique ; |
| 5° ikoreshwa rya konti y'umukiriya n'inshingano ye ; | 5º customer account use and his/her responsibility; | 5° utilisation du compte client et sa responsabilité ; |
| 6° imirongo ngenderwaho yerekeye uburenganzira bwo kubikuza bw'abafite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, harimo ibisabwa ndetse n'andi mafaranga bishyurwa, niba ateganyijwe ; | 6º a clear guidance on the e-money holders' right of redemption, including conditions and fees for redemption, if any; | 6º des instructions claires sur le droit de retrait des détenteurs de monnaie électronique, y compris les conditions et les tarifs de retrait, le cas échéant ; |
| 7° uburyo bwo gukemura ibibazo bwashyizweho hashingiwe kandi hakanagaragazwa aho ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kibarizwa. | 7º information on available redress procedures for complaints together with the address and contact information of the e-money issuer; | 7º des informations sur les procédures de recours disponibles pour les plaintes ainsi que l'adresse et les coordonnées de l'émetteur de monnaie électronique ; |

| | | |
|---|---|---|
| 8° ibisabwa n'uburyo bwo gushyira kuri konti, guhererekanya, kwakira no kubikuza amafaranga ; | 8º conditions and procedures for loading, transferring, receiving and withdrawing funds; | 8° conditions et procédures de chargement, de transférer, de recevoir et de retrait des fonds ; |
| 9° uburyo bwo guhagarika by'agateganyo cyangwa guhagarika burundu konti cyangwa guhagarika igikorwa ; | 9º circumstances of suspension, termination and freezing of accounts; | 9° cas de suspension, de résiliation et de gel des comptes ; |
| 10° amabwiriza yerekeye itangazwa ry'ibiciro bya serivisi ; | 10º terms related to disclosure of prices of services; | 10° termes liés à la divulgation des prix des services ; |
| 11° amakuru yerekeye uko konti zidakora zicungwa; | 11º details on how dormant accounts are handled; | 11° détails sur les comptes dormants et comment ils sont gérés ; |
| 12° amakuru y'uko konti z'abantu bapfuye zicungwa ; | 12º details on how accounts of deceased persons are handled; | 12° détails sur la façon dont sont traités les comptes des personnes décédées ; |
| 13° ahabarizwa umwe mu bantu ba hafi b' ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, akaba ari na ho hoherezwa imenyesha ko konti y'amafaranga itagikora cyangwa yahagaze mu gihe nyiri konti ataboneka. | 13° the contact details of the next of kin of the e-money account holder, to which the e-money issuer shall send notification in case of the inactivity or dormancy of e-money account in the absence of the account holder. | 13° les adresses de contact du proche du détenteur de monnaie électronique, auxquelles l'émetteur de monnaie électronique envoie la notification sur l'inactivité ou la dormance du compte de monnaie électronique en cas d'absence du titulaire de compte de celui-ci. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Ibyerekeye kubika ibanga ry'amakuru y'umukiriya cyangwa umugenerwabikorwa** | **<u>Article 13</u>: Confidentiality of customer or beneficiary information** | **<u>Article 13</u>: Confidentialité des informations du client ou du bénéficiaire** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'intumwa zacyo bigira | An e-money issuer and its agents shall keep the information in respect of services provided to | Un émetteur de monnaie électronique et ses agents doivent garder confidentielles les |

| | | |
|---|---|---|
| ibanga amakuru yerekeye serivisi giha umukiriya cyangwa umugenerwabikorwa wese. | any customer or beneficiary confidential. | informations concernant les services fournis à tout client ou bénéficiaire. |
| Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga giha gusa amakuru yerekeye serivisi y'umukiriya: | Subject to provisions of the paragraph one of this article, an e-money issuer shall disclose customer information in respect of services provided by the e-money issuer only: | Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, un émetteur de monnaie électronique doit divulguer des informations du client tout en respectant les services fournis par l'émetteur de monnaie électronique, seulement: |
| 1° umukiriya bireba; | 1° to the customer concerned; | 1° au client concerné; |
| 2° Banki Nkuru; | 2° to the Central Bank; | 2° à la Banque Centrale ; |
| 3° uwo ari we wese, iyo umukiriya bireba abitangiye uruhushya rwanditse. Urwo ruhushya rukoreshwa rimwe ku waruhawe gusa, bityo ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gisaba umukiriya urundi ruhushya rushya buri gihe iyo gishaka gutanga amakuru y'abakiriya nk'uko bigaragara muri aka gace; | 3° to anyone else, when authorised, in writing, by the customer concerned. The authorization is limited to a single and specified use case, and the e-money issuer shall require renewed consent of the client each time the e-money issuer wishes to share customer information as specified in this sub paragraph; | 3° à quelqu'un d'autre, autorisé, par écrit, par le client concerné. L'autorisation est limitée à un cas d'utilisation simple et spécifiée, et l'émetteur de monnaie électronique nécessite un consentement renouvelé du client chaque fois que l'émetteur de monnaie électronique souhaite partager l'information du client tel que spécifié dans le présent point; |
| 4° hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko; cyangwa | 4° as prescribed by law; or | 4° comme prescrit par une loi; ou |
| 5° bitegetswe n'urukiko. | 5° as ordered by a court of Law. | 5° comme ordonné par un tribunal. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, kigomba kubahiriza | The e-money issuer shall comply with the requirements of the Law on data protection and | L'émetteur de monnaie électronique doit se conformer aux exigences de la Loi sur la |

| | | |
|---|---|---|
| ibisabwa n'Itegeko ryerekeye kurinda amakuru bwite n'imibereho bwite by'umuntu. | privacy. | protection des données à caractère personnel et de la vie privée. |
| **<u>Ingingo ya 14</u> : Ibisabwa ku makarita y'agaciro k'ibibitswe** | **<u>Article 14</u>: Requirements for stored value cards** | **<u>Article 14</u> : Exigences pour les cartes à valeur stockée** |
| Ibigo by'imari byakira amafaranga abitswa byemewe na Banki Nkuru bikaba bifite ubushobozi bwo gukora ihwanyabwishyu ni byo gusa bitanga amakarita y'agaciro k'ibibitswe. Ibindi bigo bidafite ubushobozi bwo guhwanya ubwishyu bishobora kuzitanga ku bufatanye n'ibyo bigo bifite ubushobozi bwo kwishyura. | Only deposit-taking financial institutions licenced by the Central Bank with clearing capacity shall issue stored value or prepaid cards. Other institutions without clearing capacity can issue in conjunction with those with clearing capacity. | Seules des institutions financières de dépôt agréées par la Banque Centrale avec capacité de compensation délivrent des cartes à valeur stockée/cartes prépayées. Autres institutions sans capacité de compensation peuvent émettre ces cartes en collaboration avec ceux qui ont la capacité de compensation. |
| Umubare ntarengwa w'ibikorwa n'amafaranga ndetse n'inshuro zemewe bigomba kugenwa n'ibigo bitanga ayo makarita. | The transaction and balance limits and frequencies shall be defined by the card issuers. | Les opérations et le solde maximal ainsi que la fréquence doivent être définis par les émetteurs de cartes. |
| Ibigo bitanga amakarita byubahiriza ibisabwa mu gufunguza konti bigenga ibigo by'imari byakira amafaranga abitswa. | The card issuers shall comply with minimum account opening requirements applicable to deposit-taking financial institutions. | Les émetteurs de cartes doivent se conformer aux exigences minimales d'ouverture de compte applicables aux institutions financières de dépôt. |
| Ibikorwa byose bikorerwa ku makarita y'agaciro k'ibibitswe byubahiriza ibisabwa mu byerekeye amakuru byashyizweho na Banki Nkuru ku bijyanye n'imyishyuranire ikorwa hifashishijwe amakarita. | All stored value card transactions shall be subject to current reporting requirements of the Central Bank related to card based payments. | Toutes les opérations par carte de valeur stockée seront soumises à des exigences de rapportage actuelles de la Banque Centrale liées à la base de paiement par carte. |
| Ibigo bitanga amakarita byose bigomba | All card issuers shall render monthly returns to | Tous les émetteurs de cartes doivent rendre |

| | | |
|---|---|---|
| gushyikiriza Banki Nkuru raporo ya buri kwezi bigaragaza umubare w'amakarita y'agaciro k'ibibitswe yatanze, agaciro n'umubare w'ibyoherejwe cyangwa byakiriwe hifashishijwe amakarita y'agaciro k'ibibitswe kugira ngo bishyirwe mu ibarurishamibare ry'igihugu ku bijyanye n'imyishyuranire. | the Central Bank on the number of stored value or prepaid cards in issue, volume of transactions and gross amount of transfers from/to, stored value/prepaid cards for inclusion in the national statistics on payments. | des déclarations mensuelles à la Banque Centrale sur le nombre de cartes à valeur stockée ou cartes prépayées émises, le volume des opérations et le montant brut des transferts depuis/vers les cartes à valeur stockée /cartes prépayées pour l'inclusion dans les statistiques nationales sur les paiements. |
| Amafaranga yose ari ku makarita y'agaciro k'ibibitswe afatwa nk'imyenda n'ikigo cy'imari kibereyemo abakiriya kandi yishingirwa n'ikigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga abikijwe kugeza ku mubare ntarengwa. | All stored value card balances shall be considered deposit liabilities by the issuing financial institution and therefore subject to deposit insurance protection up to the limit provided by the Deposit Guarantee Fund. | Tous les soldes de carte à valeur stockée sont considérés comme des dépôts exigibles par l'institution financière et ils sont donc, assujettis à la protection d'assurance de dépôt jusqu'à concurrence de la limite fixée par le Fond de garantie des dépôts. |
| Ufite ikarita y'agaciro k'ibibitswe, abisabye, agomba guhabwa n'uwayitanze amafaranga ayisigayeho. | A stored value card holder shall, upon request, be entitled to receive a cash refund of the outstanding balance of the card account from the issuing institution. | Un titulaire de carte à valeur stockée doit, sur demande, avoir le droit de recevoir un remboursement du solde restant dû au compte de la carte par l'institution émettrice. |
| Amakarita y'agaciro k'ibibitswe yose atangirwa mu Rwanda agomba gukurikiza ibipimo ngenderwaho bigenga amakarita yo kwishyurana nk'uko bigenda bigenwa na Banki Nkuru. | All stored value cards issued in Rwanda shall comply with standards applicable to cards as time to time determined by the Central Bank. | Toutes les cartes à valeur stockée émises au Rwanda doivent être conformes aux normes applicables aux cartes de paiements déterminées de temps à autres par la Banque Centrale. |
| Hitawe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo, Banki Nkuru ishyiraho amabwiriza agenga itangwa ry'amakarita ahuriweho, afite ibirango bitandukanye, y'agaciro k'ibibitswe. | For the purpose of paragraph one of this article, the Central Bank may establish through a directive, the terms and conditions for issuing the co-branded stored value cards. | Aux fins de l'alinéa premier du présent article, la Banque Centrale peut établir par voie de directive, les règles pour émettre les cartes à valeur stockée co-marquées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IMICUNGIRE Y'IBYATEZA INGORANE** | **<u>CHAPTER IV</u> : RISK MANAGEMENT** | **<u>CHAPITRE IV</u>: GESTION DES RISQUES** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Amabwiriza y'imiyoborere agenga ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitakira amafaranga abitswa** | **<u>Article 15</u>: Corporate governance rules applicable to non-deposit taking e- money issuers** | **<u>Article 15</u>: Les règles de gouvernance des institutions applicables aux émetteurs de monnaie électronique n'acceptant pas de dépôt** |
| Iyo ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ari isosiyete ishamikiye ku isosiyete mbyeyi yashinzwe hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda, igira imicungire, imiyoborere n'ibaruramari byigenga bitandukanye n'iby'isosiyete mbyeyi kandi yubahiriza ibisabwa ku miyoborere y'ikigo by'ingenzi byashyizweho na Banki Nkuru. | In the event that the e-money issuer is a subsidiary of a parent company incorporated under the laws of the Republic of Rwanda, it shall have an independent management, board and accounts separate from the parent company and must comply with minimum corporate governance requirements set by the Central Bank. | Dans le cas où l'émetteur de monnaie est la filiale de la société mère constituée en vertu des lois de la République du Rwanda, il doit avoir une gestion indépendante, un conseil d'administration et une comptabilité séparée de la société mère et doit se conformer aux exigences minimales de gouvernance d'entreprise fixées par la Banque Centrale. |
| Ibisabwa biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibishobora kubuza isosiyeti mbyeyi guhagararirwa mu nama y'ubutegetse no gushyira raporo z'imikoreshereze y'imari y'isosiyete iyishamikiyeho muri raporo z'imikoreshereze y'imari yayo. | The requirement stipulated under Paragraph one of this article shall, however, not preclude representation by the parent company on the board of directors and the inclusion of the financial accounts of the subsidiary in the consolidated financial accounts of the group. | Les exigences stipulées à l'alinéa premier de cet article ne font toutefois pas obstacle à la représentation par la société mère au conseil d'administration et à l'inclusion des comptes financiers de la filiale dans la comptabilité financière consolidée du groupe. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba gushyiraho imiyoborore ihamye, ikorera mu mucyo kandi ikwiye kugira ngo serivisi zacyo zikomeze kuba ntamakemwa. | An e-money issuer shall establish effective, transparent and adequate governance arrangements to ensure continued integrity of its service. | Un émetteur de monnaie électronique doit établir les modalités efficaces, transparentes et adéquates de gouvernance pour assurer l'intégrité permanente de son service. |
| Imiterere y'imiyoborere igaragara mu gika | The governance arrangements established | Les modalités de gouvernance établies en |

| | | |
|---|---|---|
| cya kabiri cy'iyi ngingo iba ikubiyemo: | under paragraph two of this article shall include: | vertu de l'alinéa deuxième du présent article doivent comprendre : |
| 1° amabwiriza yerekeye imiyoborere, urugero amakuru yerekeye ba nyir'ikigo n'imiterere y'imiyoborere; | 1° clearly defined and documented organizational arrangements, such as ownership and management structure; | 1° dispositions organisationnelles clairement definie et documentée, telles que la structure de propriètaires et de gestion ; |
| 2° gutandukanya inshingano n'amabwiriza yerekeye ingamba mu bugenzuzi mu rwego rwo kugabanya ibyatuma habaho imicungire mibi ndetse n'uburiganya; | 2° segregation of duties and internal control arrangements to reduce the chances of mismanagement and fraud; | 2° séparation des tâches et des mécanismes de contrôle interne afin de réduire les risques de mauvaise gestion et de fraude; |
| 3° isosiyete mbyeyi y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ubwacyo ntibyemerewe gukora nk'intumwa z'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 3° the requirement that the parent company of the e-money issuer or the e-money issuer itself shall not act as an agent of the e-money issuer; | 3° la société mère de l'émetteur de monnaie électronique ou l'émetteur de monnaie électronique elle-même ne peut pas être un agent de l'émetteur de monnaie électronique ; |
| 4° itandukaniro rikwiye hagati yo gutunga no gucunga ikigo gitanga amafanga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, abanyamigabane bafite uruhare rugaragara ntibashobora gufata umwanya w'ubuyobozi bukuru. | 4° an appropriate separation between ownership and management of the e-money issuer, significant shareholders shall not hold a senior management position. | 4° Afin de préserver la séparation appropriée entre la propriété et la direction de l'émetteur de monnaie électronique, les actionnaires importants ne doivent pas occuper une poste de direction supérieure. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Ibisabwa ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gikora indi mirimo itari gutanga serivisi zo kwishyurana** | **<u>Article 16:</u> Specific requirements for e-money issuer providing the other activities other than the payment services** | **<u>Article 16</u>: Exigences spécifiques pour les émetteurs de monnaie électronique fournissant des activités autres que les services de paiement** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gikora indi mirimo itari gutanga serivisi zo kwishyurana, kigomba: | The e-money issuer which provides the activities other than the payment services shall: | L'émetteur de monnaie électronique qui fournit des activités autres que les services de paiement, doit: |
| 1° gushyiraho mu nzego z'imiyoborere y'ikigo, urwego rwihariye rushinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana. Hakubiyemo kandi gutandukanya ibitabo by'ibaruramari byerekeranye no gutanga serivisi zo kwishyurana n'ibindi bitabo ndetse no gutandukanya raporo z'ibaruramari; | 1° under the governance structure of the company, establish a separate business unit from its other business units to manage the provision of payment services. This also includes keeping separate books of account for the payment services as well as segregated reporting in their financial statements; | 1° établir au sein de l'organisation administrative une unité disctincte chargée de la provision de services de paiement. Ceci inclut la tenue séparée des livres comptables liés à la prestation de services de paiement ainsi que le rapport séparé dans leurs états financiers; |
| 2° gukora ku buryo ishami ryihariye rishinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana rigenzurwa mu buryo butaziguye n'urwego rukuru mu kigo; | 2° ensure that the business unit in charge of provision of payment services is under direct supervision of the highest management authority in the company; and | 2° assurer que l'organe en charge de la prestation de services de paiement soit directement sous la supervision de la plus haute hiérarchie au sein de la société; et |
| 3° no gusabira kwemerwa na Banki Nkuru abagize ubuyobozi bw'ishami rishinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana. Ibaruwa isaba iherekezwa n'inyandiko igaragaza ubunyangamugayo nk'uko biteganyijwe mu mabwiriza agenga | 3° apply for the Central Bank approval of the members of the management team of the business unit in charge of the provision of the payment services. The application letter shall be accompanied with a duly filled fit & proper form as provided under the | 3° solliciter auprès de la Banque Centrale l'approbation des membres de gestion de l'unité en charge de la prestation de services de paiement. La lettre de demande doit être accompagnée d'un formulaire de l'integrité et d'aptitude dûment remplie tel que prévu par le |

| | | |
|---|---|---|
| abatanga serivisi zo kwishyurana. Inyandiko yuzuzwa neza n'abagize komite nyobozi y'ishami ryihariye rishinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana. | regulation governing Payment Service Providers. The form shall be filled by the members of the management team of the business unit in charge of the provision of the payment services. | règlement régissant les prestataires de services de paiement. Le formulaire doit être rempli par les membres de gestion de l'unité en charge de la prestation de services de paiement. |
| Mu gihe utanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga akora n'ibindi bikorwa bitari serivisi yo kwishyurana abona ko ari ngombwa gushinga sosiyete yihariye kugira ngo atange ibikorwa bya serivisi yo kwishyurana gusa, utanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga asaba Banki Nkuru gutandukanya serivisi yo gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'ubundi bucuruzi. | In case the e-money issuer which provides other activities other than the payment services deems it necessary to incorporate a subsidiary company to offer only payment service business, the e-money issuer shall apply to the Central Bank for the separation of the business. | Dans le cas où l'émetteur de monnaie électronique qui fournit d'autres activités que les services de paiement juge nécessaire de constituer une filiale pour offrir uniquement des activités de services de paiement, l'émetteur de monnaie électronique demande à la Banque Centrale la séparation de l'émission de monnaie électronique d'autres affaires. |
| Usaba agomba kuzirikana ibikenerwa byose mu gutanga uruhushya hakurikije amabwiriza rusange agenga abatanga serivisi zo kwishyurana. | The applicant shall put into consideration licensing requirements as stated under the regulation governing Payment Service Providers. | Le demandeur doit prendre en considération les exigences en matière d'agréement conformément au règlement régissant les prestataires de services de paiement. |
| **<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'inama y'ubutegetsi** | **<u>Article 17</u>: Responsibilities of the board of directors** | **<u>Article 17</u>: Les résponsabilités du conseil d'administration** |
| Hatabangamiwe inshingano z'inama y'ubutegetsi ziteganyijwe mu itegeko rigenga amasosiyete, inama y'ubutegetsi y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, yubahiriza inshingano ziteganywa n'aya mabwiriza rusange. | Without prejudice to the responsibilities of the board of directors stipulated under the Law governing companies, the board of dircetors of the electronic money issuer shall carry out the responsibilities provided for by this regulation. | Sans préjudice des résponsabilités du conseil d'Administration prévues par la loi sur les sociétés, le conseil d'Administration de l'émetteur de monnaie électronique exerce les attributions prevues par ce règlement. |

| | | |
|---|---|---|
| Inama y'ubutegetsi ifite muri rusange inshingano yo guteza imbere iterambere rirambye n'imari y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | The board of directors has the overall responsibility for promoting the sustainable growth and financial soundness of an electronic money issuer. | Le conseil d'Administration a la responsabilité générale de promouvoir la croissance durable et la solidité financière d'un émetteur de monnaie électronique. |
| Mu kuzuza iyi nshingano, inama y'ubutegetsi igomba: | In fulfilling this role, the board of directors must: | Dans l'accomplissement de ce rôle, le conseil d'administration doit : |
| 1° kwemeza ingano y'ibyateza ingorane, gahunda z'ibikorwa n'ibindi bishobora guteza ingaruka zikomeye ku miterere y'ibyateza ingorane by'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1° approve the risk appetite, business plans and other initiatives which would have a material impact on the electronic money issuer's risk profile; | 1° approuver l'appétence au risque, les plans d'affaires et autres initiatives qui auraient un impact significatif sur le profile de risque de l'émetteur de monnaie électronique ; |
| 2° kugenzura uko umuyobozi mukuru n'ubuyobozi bukuru butoranywa, imikorere yabwo, uko ababugize bahembwa n'uko basimburana ku myanya, hashyirwaho ibipimo bikwiye by'ubunyangamugayo n'ubushobozi, kugira ngo bayobore neza imirimo y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 2° oversee the selection, performance, remuneration and succession plans of the chief executive officer, and senior management, by establishing fit and proper standards, to effectively lead the operations of the electronic money issuer; | 2° superviser la sélection, la performance, la rémunération et les plans de succession du directeur général et de la haute direction, en établissant des normes d'integrité et de compétence, pour diriger efficacement les opérations de l'émetteur de monnaie électronique ; |
| 3° kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'imiyoborere na politiki y'ubugenzuzi bw'imbere mu bigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, no gukora | 3° oversee the implementation of the electronic money issuer governance framework and internal control policies, and periodically review to ensure relevance in light of material | 3° superviser la mise en œuvre du cadre de gouvernance et des politiques de contrôle interne de l'émetteur de monnaie électronique, et les réviser périodiquement pour assurer leur |

| | | |
|---|---|---|
| isuzuma mu buryo buhoraho kugira ngo harebwe niba hari impinduka zifatika z'imirimo y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | changes of the electronic money issuer operations; | pertinence à la lumière des changements importants des opérations des émetteurs de monnaie électronique ; |
| 4° guteza imbere umuco mwiza mu kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, ushimangira imyitwarire n'imyifatire ishingiye ku muco mwiza, ku bushishozi n'ubunyamwuga; | 4° promote a sound corporate culture within the electronic money issuer, which strengthens ethical, prudent, professional conduct and behaviour; | 4° promouvoir une culture d'entreprise saine au sein de l'émetteur de monnaie électronique, qui renforce une conduite et un comportement éthiques, prudents et professionnels; |
| 5° kugenzura no kwemeza gahunda yo gukomeza ibikorwa ndetse na gahunda yo kubisohokamo no kwemeza ko izo gahunda zivugururwa; | 5° oversee and approve the business continuity plans as well as exit plan, and ensure such plans are updated; | 5° superviser et approuver les plans de continuité des activités ainsi que le plan de sortie et s'assurer que ces plans sont mis à jour ; |
| 6° gushyiraho komite z'inama y'ubutegetsi zunganira inama y'ubutegetsi gushyira mu bikorwa inshingano zayo; | 6° establish board committees to support the board of directors in discharging its responsibilities; | 6° établir les comités du conseil d'administration pour soutenir le conseil d'administration dans l'exercice de ses résponsabilités ; |
| 7° kumenya neza inyungu zisigara cyane cyane ko isosiyeti izajya ibika amafaranga ahuriweho mu izina ry'abafite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 7° ensure the balance of interest in particular that the company will hold funds in trust on behalf of e-money holders; | 7° s'assurer de l'équilibre des intérêts notamment que la société détiendra des fonds en fiducie pour le compte des détenteurs de monnaie électronique ; |
| 8° kugenzura imicungire myiza y'amafaranga ahuriweho mu: | 8° ensure Proper management of the trust funds by: | 8° veuillez à la bonne gestion des fonds en fiducie, par : |

| | | |
|---|---|---|
| i. kugirana amasezerano yerekeye konti ihuriweho na banki cyangwa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa kibitse amafaranga ahuriweho; | i. entering into valid trust account agreement with the bank or a deposit-taking microfinance institution that hold trust fund; | i. conclure un accord de compte en fiducie valide avec la banque ou une institution de microfinance de dépôt détentrice des fonds en fiducie ; |
| ii. kubika inyandiko ku makuru arambuye ya ba nyiri konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga nk'uko bisabwa na Banki Nkuru ku byerekeye konti zihuriweho. Izo nyandiko zivugwa muri aka gace zigomba kuba zikubiyemo nibura umwirondoro n'umubare w'amafaranga yose ahurizwa hamwe buri munsi bya buri wese mu bafite konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga abikiwe mu kigo kibitse amafaranga ahuriweho; | ii. maintaining detailed records on the e-money account holders as may be prescribed by the Central Bank on the trust accounts. The records specified under this subparagraph shall include at least the daily cumulative balances and identification of each of the e-money account holders whose scriptural money is part of trust funds; | ii. tenir des registres détaillés des détenteurs des comptes de monnaie électronique tel que préscrit par la Banque Centrale sur les comptes en fiducie. Les registres spécifiés dans le présent alinéa comprennent au moins le solde journalier cumulatif et l'identification de chacun des détenteurs de compte de monnaie életronique pour qui l'argent scripturale fait partie de fonds en fiducie ; |
| iii. gushyikiriza izo nyandiko ikigo kibitsemo amafaranga ahuriweho, buri munsi; | iii. submit to the institution holding trust fund such records on daily basis; | iii. soumettre de façon quotidienne ces regitres à l'institution qui détient des fonds en fiducie ; |
| iv. gutanga inyandiko isabwa yemeza ko inyandiko zatanzwe ziteganywa mu gace (3) k'iki gika ari ukuri, igihe bisabwe n'ikigo kibitse amafaranga ahuriweho. | iv. file a statutory declaration certifying the accuracy of the records submitted under point (3) of this paragraph when required by the institution holding the trust fund. | iv. déposer une déclaration solennelle certifiant l'exactitute des registres réprésentés en vertu du point (3) du présent alinéa lorsque requis par l'institution qui détient les fonds en fiducie. |

| | | |
|---|---|---|
| v. kugenzura neza ibaruramari n'itangazwa ry'amafaranga ahuriweho bikurikije uburyo bw'ibaruramari n'itangazwa buvugwa muri aya mabwiriza. | v. ensure proper accounting and disclosure of the trust fund as per the accounting and disclosure arrangements stated in this regulation. | v. garantir une comptabilité et une divulgation appropriées du fonds en fiducie conformément aux modalités de comptabilité et de divulgation enoncée dans ce règlement. |
| **<u>Ingingo ya 18 </u>: Ishyirwaho rya komite z'inama y'ubutegetsi** | **<u>Article 18</u>: Establishment of board committees** | **<u>Article 18 : </u>Constitution des comités du conseil d'adminitration** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa, kigomba gushyiraho nibura komite zikurikira: | At a minimum, a non-deposit taking e-money issuer shall establish the following board committees: | Au minimum, l'émetteur de monnaie életronique qui n'accepte pas de dépôt doit établir les comités du conseil d'administration suivants: |
| 1° Komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe ubugenzuzi; | 1º board audit committee; | 1° comité d'audit du conseil d'administration ; |
| 2° komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe gucunga ibyateza ingorane. | 2º board Risk management committee. | 2° comité de gestion des risques du conseil d'administration. |
| Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ishyirwaho rya za komite z'inama y'ubutegetsi zishingira ku cyiciro utanga serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga arimo nk'uko biteganywa n'amabwiriza rusange agenga abatanga serisivi zo kwishyurana. | Notwithstanding with the provisions of the paragraph One of this article, the establishment of these board committees shall vary according to the e-money issuer categorisation as stipulated under the regulation governing payment Service Providers. | Sous reserve de dispositions de l'alinéa prémier, la constitution de ces comités du conseil d'administration varie en fonction de la catégorisation des émetteurs de monnaie électronique telle que prévue par le règlement relatif aux prestataires de services de paiement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano za komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe ubugenzuzi** | **<u>Article 19</u>: Responsibilities of the board audit committee** | **<u>Article 19:</u> Responsabilités du comité d'audit du conseil d'administration** |
| Komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe ubugenzuzi igomba: | The board audit commmitee shall: | Le comité d'audit du conseil d'administration doit: |
| 1° Gutanga buri mwaka raporo y'imari yagenzuwe harimo na konti zihuriweho; | 1° provide an annual audits report of the financial statements including trust accounts; | 1° fournir des vérifications annuelles des états financiers, y compris des comptes en fiducie ; |
| 2° Kunganira inama y'ubutegetsi kugira ngo harebwe niba hari uburyo bwizewe kandi bunyuze mu mucyo bwo gutanga raporo y'imari mu kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 2° support the board in ensuring that there is a reliable and transparent financial reporting process within the electronic money issuer; | 2° soutenir le conseil d'administration en veuillant à ce qu'il existe un processus de rendre compte des rapports financiers fiables et transparents au sein de l'émetteur de monnaie électronique ; |
| 3° Kugenzura ubushobozi bw'ubugenzuzi bw'imbere mu kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga mu: | 3° oversee the effectiveness of the internal audit function of the electronic money issuer by: | 3° superviser l'éfficacité de la fonction de l'audit interne de l'émetteur de monnaie électronique en: |
| i. gusuzuma no kwemeza gahunda y'ubugenzuzi, abarebwa na bwo, uburyo n'inshuro buzakorwa; | i. reviewing and approving the audit plan, scope, procedures and frequency; | i. examinant et approuver le plan, le champ d'application, les procédures et la fréquence de l'audit ; |
| ii. gusuzuma raporo z'ubugenzuzi, harimo raporo z'amafaranga ahuriweho no kwemeza ko ubuyobozi bukuru bufata ingamba zikosora zikwiriye mu gihe | ii. reviewing audit reports, including reports of the trust fund and ensuring that senior management is taking necessary corrective actions in a timely manner to address | ii. examinant les rapports d'audit, y compris les rapports de fond en fiducie et s'assurer que la haute direction prend des mesures correctives nécessaires en temp |

| | | |
|---|---|---|
| gikwiriye kugira ngo hakemurwe ibibazo bituruka ku ntege nke zo kugenzura, kutubahiriza amategeko, politiki n'ibindi bibazo bigaragazwa n'ubugenzuzi bw'imbere n'indi mirimo yo kugenzura; | control weaknesses, non-compliance with laws, regulatory requirements, policies and other problems identified by the internal audit and other control functions; | opportun pour remédier aux faiblesses du contrôle, au non-respect des lois, des exigences réglementaires, les politiques et autres problèmes identifiés par l'audit interne et d'autres fonctions de contrôle; |
| iii. gushyiraho uburyo bwo gusuzuma imikorere n'ubushobozi bw'imikorere y'ubugenzuzi bw'imbere; | iii. establishing a mechanism to assess the performance and effectiveness of the internal audit function; and | iii. établissant un mécanisme d'évaluation de la performance et l'éfficacité de la fonction d'audit interne; et |
| iv. no kugenzura neza ko amafaranga ahuriweho n'amafaranga y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitandukanywa. | iv. ensure clear separation between the trust funds and the funds of the e-money issuer. | iv. assurer une séparation claire entre les fonds en fiducie et les fonds de l'émetteur de monnaie électronique. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Inshingano za komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe gucunga ibyateza ingorane** | **<u>Article 20</u>: Responsibilities of the board risk management committee** | **<u>Article 20 :</u> Responsabilités du comité de gestion des risques du conseil d'administration** |
| Komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe gucunga ibyateza ingorane igomba: | The board risk committee shall; | Le comité de gestion des risques du conseil d'administration doit: |
| 1° kunganira inama y'ubutegetsi mu kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gucunga ibyateza ingorane by'ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1° support the board in overseeing the implementation of the electronic money issuers risk management framework; | 1° soutenir le conseil d'administration dans la supervision de mise en œuvre du cadre de gestion des risques des émetteurs de monnaie électronique ; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° kugena inshingano z'umurimo wo gucunga ibyateza ingorane by'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 2º establishing the responsibilities of the risk management function of the electronic money issuer; | 2° établir les attributions de la fonction de gestion des risques de l'émetteur de monnaie électronique; |
| 3° kugira inama, inama y'ubutegetsi ku byerekeye ibyateza ingorane by'ubu n'ibizaza mu bigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugenzura uko ubuyobozi bukuru bushyira mu bikorwa politiki zo gucunga ibyateza ingorane, gutanga raporo ku miterere y'umuco w'ibyateza ingorane mu bigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, gukorana no kugenzura umuyobozi ushinzwe gucunga ibyateza ingorane; | 3º advising the board on the e-money issuers current and future risk appetite, overseeing senior management's implementation of the risk policies, reporting on the state of risk culture in the electronic money issuers and interacting with and overseeing the Risk Officer; | 3° conseiller le conseil d'administration sur l'appétence pour le risque actuel et futur des émetteurs de monnaie électronique, superviser la mise en œuvre par la haute direction des politiques de risque, rendre compte de l'état de culture de risque dans les émetteurs de monnaie électronique, et interagir avec et superviser le chargé de gestion des risques ; |
| 4° gushyiraho uburyo bwiza bw'imicungire y'amafaranga. | 4º ensuring proper liquidity management. | 4° assurer une bonne gestion de la liquidité. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Imyitwarire y'abagize inama y'ubutegetsi** | **<u>Article 21</u>: Behavior of members of the board of directors** | **<u>Article 21</u>: Comportement des membres du conseil d'administration** |
| Mu gihe abagize inama y'ubutegetsi bashyira mu bikorwa inshingano zabo bagomba: | The members of the board of directors while exercising thier duty must ensure that: | Les membres du conseil d'administration dans l'exercise de leur fonction doivent s'assurer que: |
| 1° gukora gusa ku bw'inyungu z'abagenerwabikorwa; | 1º they act solely for the benefit and best interest of the beneficiaries; | 1° ils agissent uniquement pour le bénéfice et le meilleur intérêt des bénéficiaires; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° kwirinda amakimbirane ashingiye ku nyungu ayo ari yo yose hagati y'inyungu zabo bwite n'iz'abagenerwabikorwa; | 2° they avoid any conflict of interest between their personal interests and the beneficiaries; | 2° ils évitent tout conflit d'intérêts entre leurs intérêts personnels et les intérêts des bénéficiaires; |
| 3° kwirinda kubona inyungu ziturutse ku mutungo ucunzwe nabo ubwabo keretse mu gihe amasezarano yo gucunga iby'abandi abyemera; | 3° they do not personally benefit or profit from the trust except as the trust permits; | 3° ils ne bénéficient ou ne profitent pas personnellement de fiducie sauf dans la mesure où la fuducie le permet; |
| 4° bakora ibikorwa bya konti ihuriweho nk'uko undi muntu ushishoza yakora ibikorwa bye bwite; | 4° they conduct the business of the trust as a prudent person would conduct his or her own business; | 4° ils dirigent les affaires de la fiducie comme une personne prudente ménerait ses propres affaires; |
| 5° kwirinda guha ububasha bwabo abandi bantu usibye mu bijyane n'ubuyobozi aho umuntu ushishoza yakohereza umuhagararira; | 5° they do not delegate their powers to others except with regards to administrative matters which a prudent business person would delegate; | 5° ils ne délèguent pas leurs pouvoirs à d'autres personnes, sauf en ce qui concerne les questions administratives qu'un homme d'affaires prudent délèguerait; |
| 6° kwirinda gutonesha umugenerwabikorwa kurusha undi. | 6° they do not favor one beneficiary over the other. | 6° ils ne favorisent pas un bénéficiaire par rapport à l'autre. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ibigenderwaho mu gusuzuma niba abagize inama y'ubutegetsi babikwiriye.** | **<u>Article 22</u>: Criteria to assess the suitability of the board of directors** | **<u>Article 22</u>: Critères d'appréciation de l'aptitude des membres du conseil d'administration** |
| Mu gihe ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyashyiriweho gutanga serivisi zo kwishyurana gusa, inama y'ubutegetsi igomba kuba igizwe n'abantu bafite ubunararibonye, bafitiwe icyizere, | In case the e-money issuer is solely established to provide payment services, a board of directors shall consist of people with calibre, credibility, integrity, with a balance of skills, diversity, expertise, and must possess | Dans le cas où l'émetteur de monnaie électronique est uniquement établi pour fournir des services de paiement, un conseil d'administration doit être composé de personne de calibre, de crédibilité, d'intégrité, |

| | | |
|---|---|---|
| barangwa n'ubunyangamugayo, bafite ubumenyi buhagije, bafite ubumenyi bwuzuzanya, n'ubuhanga kandi bagomba kuba barize amashuri akenewe. | necessary qualifications. | avec un équilibre de compétence, de diversité, d'expertise et doivent posséder les qualifications nécéssaires. |
| Abagize inama y'ubutegetsi bagomba kuba bujuje ibisabwa bijyanye n'ubunyangamugayo n' ubushobozi nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga abatanga serivizi zo kwishyurana. | Members of the board must fulfil the fit and proper criteria as provided under the regulation governing Payments services Providers. | Les membres du conseil d'administration doivent remplir les critères d'integrité et de compétence tel que prévu dans le règlement régissant les prestataires de services de paiement. |
| Mu gusuzuma niba abagize inama y'ubutegetsi babikwiriye, ibijyanye n'ubumenyi n'uburambe bikurikira bigomba kwitabwaho: | In assessing the collective suitability of the board, the following skills and experience must be taken into account: | Lors de l'évaluation de l'aptitude collective du conseil d'administration, les compétences et l'expérience suivantes doivent être prises en compte : |
| 1º serivisi z'imari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1º digital financial services; | 1º service financiers numériques ; |
| 2º isesengura ry'ubucuruzi; | 2º business analysis; | 2º analyse des affaires; |
| 3º gutegura raporo z'imari; | 3º financial reporting; | 3º rapport financier ; |
| 4º ikoranabuhanga; | 4º information technology; | 4º technologie de l'information ; |
| 5º igenamigambi; | 5º strategic planning; | 5º planification stratégique ; |
| 6º gucunga ibyateza ingorane; | 6º risk management; | 6º gestion des risques ; |
| 7º amategeko agenga uburyo bwo kwishyurana n'amabwiriza bijyana; | 7º payment systems laws and related regulations; | 7º lois sur les systèmes de paiement et réglementations y relatives ; |

| | | |
|---|---|---|
| 8º imiyoborere y'ibigo;<br><br>9º n'ubushobozi bwo kuyobora. | 8º corporate governance; and<br><br>9º management skills. | 8º gouvernance ; et<br><br>9º compétences en gestion. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Ibisabwa mu bijyanye n'amafaranga** | **<u>Article 23</u>: Liquid Assets Requirements** | **<u>Article 23</u>: Les exigences relatives aux actifs liquides** |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bibika mu mafaranga afatika nibura ingano y'ijana ku ijana (100%) by'imbumbe y'amafaranga abitswe ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | The e-money issuers shall keep at least hundred per cent (100%) of the e-money float in liquid assets. | Les émetteurs dee monnaie électronique doivent conserver au moins cent pour cent (100 %) de monnaie électronique en circulation. |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigomba kubitsa amafaranga mu gihe gikwiriye kuri konti zabyo zihuriweho niba amafaranga y'imbumbe ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ari menshi kuruta amafaranga afatika. | The e-money issuers shall top up in a timely manner the funds in their trust accounts if the e-money float is greater than the liquid assets. | Les émetteurs de monnaie électronique devraient recharger en temps voulu les fonds dans leurs comptes en fiducie si le flottant de monnaie électronique est supérieur aux actifs liquides. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigaragaza mu mategeko shingiro yacyo interuro zivuga ko amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'abakiriya abitse neza kuri konti ihuriweho kandi ko atazakoreshwa mu gihe cy'igihombo cyangwa iseswa ry'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | The e-money issuer shall include in their Articles of Association to the effect that e-money owed to their customers are purely held in trust and will not be encumbered in the case of insolvency or liquidation of the e-money issuer. | L'émetteur de monnaie électronique doit inclure dans leur statut d'association à cet effet que la monnaie électronique dus à leurs clients est purement détenue en fiducie et ne sera pas grevée en cas d'insolvabilité ou de liquidation de l'émetteur de monnaie électronique. |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitakira amafaranga abitswa , buri munsi, bitarenze saa kumi za | The non-deposit taking e-money issuers shall on a daily basis, by not later than 4.00 p.m. Rwanda time each day, reconcile the liquid | Les émetteurs de monnaie électronique n'acceptant pas de dépôt doivent sur une base quotidienne, au plus tard à 16h:00 du Rwanda |

| | | |
|---|---|---|
| z'umugoroba (16h :00) mu Rwanda, bigomba kuguza amafaranga bifite n'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga yakwishyurwa hakurikijwe agaciro k'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'abakiriya, intumwa n'abacuruzi baranguza. Umubare w'amafaranga abura ugomba kuba wagaragajwe kandi ugakosorwa bitarenze saa 12:00 z'umunsi ukurikiyeho. | assets held by them for the redemption of e-money with the e-money value held by the customers, agents and merchants on their platforms. Any difference in the amount of liquid assets held shall be rectified by 12.00 pm the next day. | chaque jour, concilient les actifs liquides détenus par eux pour le rachat de la monnaie électronique avec la valeur de la monnaie électronique détenue par les clients, les agents et commerçants sur leurs plates-formes. Toute différence dans le montant des actifs liquides détenus doit être rectifiée avant 12h:00 du jour suivant. |
| Ku byerekeye igenzura, ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigendeye ku miterere y'inyandiko iteganywa na Banki Nkuru, bigomba gutanga, buri cyumweru, inyandiko zose zijyanye n'amafaranga yavuzwe haruguru ndetse n'uko ikinyuranyo cyavaho buri gihe. | For the purposes of oversight, the e-money issuers shall submit to the Central Bank on weekly basis in the format determined by the Central Bank, all records pertaining to the above liquid assets as well as reconciliations at any time. | Aux fins de la surveillance, les émetteurs de monnaie électronique doivent soumettre à la Banque Centrale hebdomadairement dans le format déterminé par la Banque Centrale, toutes les données relatives aux actifs liquides ci-dessus ainsi que les rapprochements à tout moment. |
| Ihuzwa rivugwa mu gika cya kanecy'iyi ngingo rigomba kugaragaza umubare w'amafaranga asigaye kuri konti y'amafaranga ari mu ikoranabuhanga, bishyizwe mu byiciro bya konti biteganywa muri aya mabwiriza rusange. | The reconciliations specified in paragraph four of this article shall indicate the balances of the e-money accounts grouped per category or Tier of accounts provided in this regulation. | Le rapprochement specifié dans l'alinéa quatre de cet article doit indiquer les soldes sur les comptes groupés par categories ou echelons d'un compte prevus dans ce règlement. |
| Iyo ibigo bitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga birenze ku bikubiye muri iyi ngingo bihanwa nk'uko biteganyijwe mu mabwiriza ashyiraho ibihano by'ubuyobozi bifatirwa abatanga serivise zo kwishyurana hamwe n'abakozi bakoresha uburyo bwo kwishyurana. | A violation of the provisions specified under this article by the e-money issuers shall attract a penalty as prescribed under the regulation establishing administrative sanctions of the payment service providers and payment system operators. | Une violation des dispositions du présent article par les émetteurs de monnaie électronique entraîne une pénalité telle que prescrite dans le règlement établissant des sanctions administratives applicables aux prestataires de services de paiement et aux opérateurs de système de paiement. |

| | | |
|---|---|---|
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitakira amafaranga abitswa bigomba kwizeza ko ingano y'amafaranga abitse afatika nk'uko yavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahora angana n'imbumbe y'amafaranga abitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga. | The non-deposit taking e-money issuers shall ensure that the value of total liquid assets specified in paragraph one of this article always equals to the float. | Les émetteurs de monnaie électronique n'acceptant de dépôt doivent s'assurer que les actifs liquides tels que spécifiés à l'alinéa premier du présent article sont toujours égaux au flottant. |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'Amabwiriza rusange yerekeye ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku bashinzwe uburyo bw'imyishyuranire n'abatanga serivisi zo kwishyurana; iyo habonetse ikinyuranyo, aho imbumbe y'amafaranga abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga aruta ingano y'amafaranga abitse afatika, ikigo gitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga kitacyira amafaranga abitswa gihanishwa igihano kingana n'inshuro eshatu z'ikinyuranyo cyagaragajwe. | Without prejudice to the regulation on administrative sanctions applicable to the payment systems operators and payment service providers; in case of differences, whereby the float is greater than the total value of liquid assets, the non-deposit taking e-money issuer shall be liable of a fine of three times of the difference there of identified. | Sans préjudice au reglèment relatif aux sanctions administratives applicables aux opérateurs des systemes de paiement et aux prestataires de services de paiement; au cas de differences entre les deux, ou le flottant est supérieur au total des actifs liquides, l'émetteur de monnaie électronique n'acceptant pas de dépôt est passable d'une amande d'un montant égal à trois fois de la différence telle qu'identifiée. |
| Ibigo byakira amafaranga abitswa bikora ibikorwa bijyanye n'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ntibisabwa kubahiriza ibisabwa bijyanye n'amafaranga biteganywa mu gika cya mbere cyavuzwe haruguru muri iyi ngingo, ariko bisabwa kugaragaza amafaranga yo mu buryo bw'ikoranabuhanga bifite mu bisabwa byerekeye amafaranga bizigamye ategetswe n'ibisabwa mu bijyanye n'amafaranga biteganywa na Banki Nkuru. | The deposit-taking institutions which conduct e-money business are not subject to the liquid assets requirement under paragraph one above of this article, but are required to include e-money balances in the calculation of their statutory reserve requirement and liquidity requirement as prescribed by the Central Bank | Les institutions de dépôt qui effectuent les activités relatives à la monnaie électronique ne sont pas assujetties à l'exigence relative aux actifs liquides en vertu de l'alinéa prémier du présent article, mais sont tenus d'inclure les soldes de monnaie électronique dans le calcul de leurs exigences de réserve obligatoire et exigence de liquidité comme prescrit par la Banque Centrale. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Kurinda amafaranga ahuriweho** | **<u>Article 24:</u> Protection of the the trust fund** | **<u>Article 24:</u> Protection des fonds en fiducie** |
| Amafaranga ari kuri konti ihuriweho ntashobora gufatirwa. | The balance of the trust accounts shall not be subject to attachment or seizure or subject to any charges. | Le solde des comptes en fiducie ne peut pas faire l'objet de séquestres ou de saisies ou l'objet d'aucune charge. |
| Amafaranga ari kuri konti ihuriweho ntashobora mu gihe icyo ari cyo cyose kujya munsi y'agomba kuba ahari. | The balance of the trust accounts shall not at anytime be negative. | Le solde des comptes en fiducie ne doit pas en aucun cas être négatif. |
| Uko byagenda kose amafaranga ahuriweho ntashobora kuba ingwate. | The trust funds shall not in any case be a collateral. | Les fonds en fiducie ne peuvent en aucun cas être une garantie. |
| Mu gihe hagamijwe gutandukanya amafaranga ahuriweho, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba : | For purposes of trust funds isolation, an e-money issuer shall: | Aux fins de l'isolement des fonds en fiducie, l'émetteur de monnaie électronique doit: |
| 1º kumenya neza ko amafaranga yose yakiriwe abitse kuri konti ihuriweho cyangwa konti yihariye ; | 1° ensure all monies received are held in a trust account or special account; | 1º assurer que toutes les sommes reçues sont tenues sur un compte en fiducie ou un compte spécial ; |
| 2º kugenzura neza ko amafaranga abitse kuri konti ihuriweho cyangwa kuri konti yihariye adashobora mu buryo ubwo ari bwo bwose kujya munsi y'ayo kirimo abakiriya ; | 2° ensure the balances in the trust account or special account shall not at any time be less than what is owed to customers; | 2º assurer que les soldes tenues sur le compte en fiducie ou sur le compte spécial ne soient en aucun cas inférieur à ce qui est dû aux clients ; |
| 3º kudashyira amafaranga kuri konti y'ikigo bwite ikoreshwa mu bikorwa by'ubucuruzi bisanzwe. Ariko mu gihe | 3° not transfer the funds to its own account used for normal business operations. In case e-money issuer acts | 3º ne pas transférer les fonds sur son propre compte utilisé pour les operations d'activités normales. Dans le cas où |

| | | |
|---|---|---|
| ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gikora nk'umucuruzi, amafaranga azimurwa ava kuri konti ihuriweho ashyirwe kuri konti isanzwe y'ikigo bwite hakurikijwe ingingo ziteganywa n'aya mabwiriza ; | as a merchant, the transfer of its funds from trust account to its own account shall be done in accordance with the provisions of this regulation; | l'émetteur de monnaie électronique agit comme un marchand, le transfert de ses fonds du compte en fiducie vers son propre compte doit être effectué comformément aux dispositions de ce règlement ; |
| 4º gutanga raporo buri cyumweru muri Banki Nkuru ku iyimurwa ry'amafaranga ryavuzwe mu gace ka 3º k'iki gika ; | 4° report on the transfer specified in the point 3º of this paragraph to the Central Bank on weekly basis; | 4º rendre compte hebdomadairement à la Banque Centrale sur le transfert spécifié au point 3º du présent alinéa; |
| 5º kutavanga konti ihuriweho n'ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitakira amafaranga abitswa n'amafaranga y'undi muntu utari mu bafite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga biba bibabikiye ; | 5° not commingle the trust account by non-deposit taking e-money issuers with the funds of any person other than the e-money holders on whose behalf the funds are held; and | 5º ne pas mélanger le compte en fiducie par les émetteurs de monnaie électronique qui n'acceptent pas de dépôt avec les fonds de toute autre personne autre que les détenteurs de monnaie électronique sur le compte de qui les fonds sont détenus; et |
| 6º no gukoresha uburyo buboneye bwo gukumira ibyateza ingorane kugira ngo kigenzure ko amafaranga abitswe kuri konti ihuriweho yatandukanyijwe bihagije kandi ko abitse mu kigo cy'imari cyemejwe na Banki Nkuru. | 6° employ appropriate risk mitigation strategies to ensure that the funds held in the trust account are sufficiently diversified and placed in financial institution authorized by the Central Bank. | 6º employer les strategies d'atténuation des risques appropriées pour s'assurer que les fonds détenus sur le compte en fiducie soient suffisamment diversifiés et placés dans une institution financière autorisée par la Banque Centrale. |
| Banki Nkuru ishobora gushyiraho izindi ngamba zo kurinda no gutandukanya amafaranga ahuriweho mu rwego rwo kurinda konti cyangwa amafaranga ahuriweho. | The Central Bank my put other safeguarding and trust fund isolation measures to protect trust accounts or funds. | La Banque Centrale peut mettre en place d'autres mesures de sauvegarde et d'isolation de fond en fiducie pour protéger les comptes ou les fonds en fiducie. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Gutandukanya amafaranga ahuriweho mu bigo by'imari** | **<u>Article 25</u>: Diversification of trust funds in financial institutions** | **<u>Article 25</u>: Diversification des fonds fiduciaires dans les institutions financières** |
| Ku nyungu zo gukumira ingaruka ku kigo icyo ari cyo cyose cy'imari cyakira amafaranga abitswa, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa gitandukanya aho kibitsa amafaranga cyakira kiyagurana amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga yatanzwe, abitswa kuri konti zafunguwe mu bigo by'imari bitandukanye hitabwa mu miterere y'ibyateza ingorane. | In the interest of mitigating exposure to any deposit-taking financial institution, the non-deposit taking electronic money issuer shall diversify the placement of the funds received in exchange of the e-money issued, in accounts maintained at several financial institutions taking into account their risk profile. | Dans l'intérêt d'atténuer l'exposition à toute institution financière de dépôt, l'émetteur de monnaie électronique qui n'accepte pas de dépôt diversifie le placement des fonds reçus en échange de monnaie électronique émise sur des comptes ouverts auprès de plusieurs institutions financières en tenant compte de leur profil de risques. |
| Amafaranga ahuriweho ikigo runaka kiba kibikiye ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa ntabwo agomba kurenga makumyabiri ku ijana (20%) by'amafaranga yose ahuriweho abitswe n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga abarwa buri gihe. Iyo bigaragaye ko umubare ntarengwa wagenwe warenze, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa kigomba gushyira amafaranga arenga mu kindi kigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa. | The trust funds held with any one institution on behalf of a given non-deposit taking e-money issuer shall not exceed twenty percent (20%) of the total trust fund held by the e-money issuer computed at all time. Whenever the threshold is exceeded, the non-deposit taking e-money issuer must place any excess float in another deposit-taking financial institutions. | Les fonds en fiducie détenus par une institution quelconque au nom d'un émetteur de monnaie électronique qui n'accepte pas de dépôt ne doivent pas dépasser vingt pour cent (20%) du total des fonds en fiducie détenus par l'émetteur de monnaie électronique calculé à tout moment. Chaque fois que le seuil est dépassé, l'émetteur de monnaie qui n'accepte pas de dépôt doit placer l'encaisse en excès dans une autre institution financier de dépôt. |
| Ku bijyanye n'ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, amategeko n'amabwiriza agenga konti ihuriweho ategeka ikigo gitanga amafaranga ari mu | For the purpose of the provisions of the paragraph one of this Article, the terms and conditions of the trust account shall require the e-money issuer to promptly carry out checks to | Aux fins des dispositions du premier alinea du présent article, les termes et conditions du compte en fiducie doivent exiger l'émetteur de monnaie électronique d'effectuer |

| | | |
|---|---|---|
| buryo bw'ikoranabuhanga gukora isuzuma /igenzura mu buryo bwihuse kugira ngo kimenye ko amafaranga arenga yashyizwe mu kindi kigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa mu gihe umubare ntarengwa wagenwe urenga. Kugira ngo ibyo bishyirwe mu bikorwa, ikigo cy'imari cyakira amafanga abitswa gifite konti ihuriweho cyorohereza ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa kugira uburenganzira kuri izo konti zihuriweho, kugira ngo kimenye ko imibare yerekeye konti ihura neza. | ensure that excess float is placed in another deposit-taking financial institution when the threshold is exceeded. To implement this, the deposit-taking financial institution holding trust accounts shall facilitate the non-deposit taking e-money issuer access to such trust accounts, to ensure appropriate balancing of accounts. | rapidement des vérifications pour s'assurer que le solde excédentaire est placé dans une autre institution de dépôt lorsque le seuil est dépassé. Pour ce faire, l'institution financière de dépôt détenant des comptes en fiducie facilite l'accès de l'émetteur de monnaie électronique qui n'accepte pas de dépôt à ces comptes en fiducie, afin d'assurer un équilibre approprié des comptes. |
| Ikigo kibikijwemo amafaranga ahuriweho kigaragaza mu nyandiko zacyo zerekeye konti ihuriweho ko ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gifite konti mu izina ry'abagenerwabikorwa bavuzwe. | An institution holding trust funds shall indicate on its records for a trust account, that the e-money issuer on behalf of the named beneficiaries holds the account. | Une institution détenant des fonds en fiducie doit indiquer sur ses registres pour un compte en fiducie que l'émetteur de monnaie électronique détient le compte au nom des bénéficiaires désignés. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Konti ihuriweho na konti yihariye** | **<u>Article 26</u>: Trust account and special account** | **<u>Article 26</u>: Compte en fiducie et compte spécial** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ntigitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kidafunguje konti ihuriweho cyangwa konti yihariye hakurikijwe aya mabwiriza rusange. | An electronic money issuer shall not issue electronic money without opening a trust account or a special account in accordance with this regulation. | Un émetteur de monnaie électronique ne doit pas émettre de la monnaie électronique sans ouvrir un compte en fiducie ou d'un compte spécial conformément au présent règlement. |
| Hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga giteye nka: | Subject to paragraph one of this article, an electronic money issuer who is: | Sous réserve de l'alinéa premier de cet article, un émetteur de monnaie électronique qui est : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa gisabwa gufunguza no gukomeza gukoresha konti ihuriweho muri banki cyangwa ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; | 1° a non-deposit taking e-money issuer shall be required to open and maintain a trust account in a bank or deposit-taking microfinance institition; | 1° un émetteur de monnaie électronique n'acceptant pas de dépôt est tenu d'ouvrir et de maintenir un compte en fiducie dans une banque ou une institution de microfinance de dépôt; |
| 2° ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa gisabwa gufunguza no gukomeza gukoresha konti yihariye. | 2° a deposit-taking financial institution shall be required to open and maintain a special account. | 2° une institution financière de dépôt est tenue d'ouvrir et de maintenir un compte spécial. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kivugwa mu gace ka kabiri kavuzwe haruguru: | An e-money issuer referred in item two above shall: | Un émetteur de monnaie électronique visé dans le point deux, ci- dessus doit: |
| 1° gifunguza konti yihariye ishyirwaho amafaranga abitswa n'abafite konti bahawe amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1° open a special account to maintain funds deposited by non-deposit taking e-money issuers account holders who have been issued with electronic money; | 1° ouvrir un compte spécial pour maintenir les fonds déposés par une institution financière n'acceptant pas de dépôt qui ont été émis en monnaie électronique; |
| 2° kigenzura ko konti ifite inyandiko zerekeye abakiriya zatanzwe ziherekeje amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 2° ensure that the account has records of the customers issued with electronic money; | 2° veiller à ce que le compte a des dossiers des clients émis en monnaie électronique; |
| 3° kigenzura ko konti yihariye idashobora guhura n'ingorane zishobora gutuma abagenerwabikorwa ba nyiri amafaranga bahura n'igihombo; | 3° ensure that the special account is protected from risks that may occasion loss to beneficiaries of the funds; and | 3° veiller à ce que le compte spécial soit protégé contre les risques qui peuvent occasionner la perte aux bénéficiaires des fonds; et |

| | | |
|---|---|---|
| 4° kandi cyubahiriza ibindi byasabwa na Banki Nkuru. | 4° comply with any other requirement as the Central Bank may require. | 4° se conformer à toute autre exigence que la Banque Centrale peut exiger. |
| **<u>Ingingo ya 27</u> : Ishyirwaho ry'ubwizerane** | **<u>Article 27</u>: Establishment of a Trust** | **<u>Article 27</u>: Établissement d'une fiducie** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gishyiraho ubwizerane mu nyandiko y'imenyekanisha ry'ikigega cy'ubwizerane ivuga ko: | The e-money issuer shall establish a trust through a written declaration of trust that: | L'émetteur de monnaie électronique établit une fiducie par une déclaration de fudicie écrite se: |
| 1° gifite amafaranga ahuriweho mu izina ry'abagenerwabikorwa; | 1° it holds the trust fund on behalf of the beneficiaries; | 1° qu'il détient le fonds fiduciaire au nom des bénéficiaires; |
| 2° amafaranga ahuriweho acungwa n'ucunga iby'abandi w'umwuga hashingiwe ku bubasha ahabwa n'aya mabwiriza rusange; | 2° the trust funds are managed by the e-money issuer subject to the powers conferred upon in this regulation; | 2° que le fonds fiduciaire est géré par les fidéicommissaires sous réserve des pouvoirs qui lui sont conférés par le présent règlementent; |
| 3° kubikuza amafaranga ahuriweho bikorwa gusa nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza rusange. | 3° withdrawals made from the fund shall only be for purposes as stated by this regulation. | 3° que des retraits effectués ne peuvent être qu'aux fins prévues par le présent règlement. |
| **<u>Ingingo ya 28</u> : Ibikubiye mu nyandiko y'imenyekanisha** | **<u>Article 28</u>: Content of the written declaration** | **<u>Article 28</u> : Contenu de la déclaration écrite** |
| Inyandiko y'imenyekanisha iteganyijwe mu ngingo ya 27 y'aya mabwiriza igomba kuba ikubiyemo nibura : | The written declaration specified under article 27 of this regulation shall at minimum contain: | La déclaration écrite visée à l'article 27 du présent règlement contient au minimum : |
| 1° izina ry'ikigo gicunga iby'abandi by'umwuga ariwe utanga amafaranga ari | 1° name of the corporate trustee that is an e-money issuer; | 1° nom d'un fidéicommissaire qui est l'èmetteur de la monaie èlectronique; |

| | | |
|---|---|---|
| mu buryo bw'ikoranabuhanga; | | |
| 2° impamvu y'imenyekanisha ; | 2° object of the declaration; | 2° object de la déclaration ; |
| 3° amafaranga ahuriweho ; | 3° trust fund; | 3° fonds en fiducie ; |
| 4° uburenganzira bw'abagenerwabikorwa ; | 4° rights of beneficiaries; | 4° droits des bénéficiaires ; |
| 5° Imirimo n'inshingano z'inama y'ubutegetsi ku bijyanye no gucunga amafaranga ahuriweho ; | 5° duties and responsibilities of the board of directors in relation to management of trust fund; | 5° devoirs et résponsabilités du conseil d'administration en matière de gestion du fond en fiducie ; |
| 6° igihe ubwizerane bumara ; | 6° duration of the trust; | 6° durée d'une fiducie ; |
| 7° amategeko agenga ubwizerane ; | 7° governing law of the trust; | 7° loi régissant une fiducie ; |
| 8° gucunga konti zitagikora ; | 8° handling of dormant accounts; | 8° traitement des comptes dormants ; |
| 9° gucunga konti z'awapfuye. | 9° handling of the deceased person account. | 9° traitement de compte du défunt. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba kubanza kwemererwa na Banki Nkuru ku birebana n'inyandiko y'imenyekanisha mu bihe bikurikira: | The e-money issuer shall seek prior approval from the Central Bank regarding the written declaration under the following circumstances: | L'émetteur de monnaie électronique doit demander l'approbation préalable de la Banque Centrale concernant la déclaration écrite dans les circonstances suivantes : |
| 1° mu gihe cyo gusinya inyandiko y'imenyekanisha; | 1° signing of the written declaration; | 1° signature de la déclaration écrite ; |
| 2° mu gihe hari impinduka mu nyandiko yimenyekanisha. | 2° any material change made to the written declaration. | 2° tout changement important apporté à la déclaration écrite. |

| | | |
|---|---|---|
| Inyandiko y’imenyekanisha yandikwa hakurikijwe ibiteganywa n’amategeko agenga ubwizerane n’ibigo bicunga iby’abandi nk’umwuga mu Rwanda. | The written declaration shall be registered in accordance with the provisions of the Law governing Trusts in Rwanda. | La déclaration écrite doit être enregistrée comformément aux dispositions de la loi régissant les fiducies au Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Ibigomba kubahirizwa** | **<u>Article 29</u>: Compliance Requirements** | **<u>Article 29</u>: Exigences de conformité** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga kigomba gushyiraho uburyo buhamye butuma habaho igenzura rirambuye. Ubu buryo bw'igenzura bukubiyemo ariko ntibugarukira kuri ibi bikurikira : | An e-money issuer shall put in place systems that have built-in control mechanisms for a complete audit trail. These control mechanisms include, but are not limited to : | Un émetteur de monnaie électronique doit mettre en place des systèmes qui ont les mécanismes de contrôle intégrés pour une piste d’audit complet. Ces mécanismes de contrôle comprennent, mais ne sont pas limités : |
| 1° inyandiko zuzuye zerekeye konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga zafungujwe ; | 1° complete records of e-money accounts opened; | 1° aux dossiers complets des comptes ouverts de monnaie électronique ; |
| 2° kugaragaza abafite amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga ; | 2° identifying e-money holders; | 2° à l’identification des détenteurs de monnaie électronique ; |
| 3° kwandika umubare uranga igikoresho kifashishwa mu gukora igikorwa ; | 3° recording the identification number of the device that is used to perform a transaction; | 3° à l’enregistrement du numéro d'identification du dispositif qui est utilisé pour réaliser une opération ; |
| 4° guhuza no gukurikirana ibikorwa by’amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga byakozwe n’abakiriya b’amafaranga ndetse n’amafaranga abafite amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga basigaranye ; | 4° tracking and monitoring of all e-money transactions undertaken by e-money customers and and aggregate balances held by e-money holders; | 4° au suivi et à la surveillance de toutes les opérations de monnaie électronique entreprises par les clients de monnaie électronique et des soldes particuliers détenus par les détenteurs de monnaie électronique ; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° politiki, ingamba, imiterere y'imiyoborere byerekeye : | 5° internal policies, procedures and accountability structures pertaining to : | 5° aux politiques internes, aux procédures et aux structures de responsabilité relatives : |
| i. imicungire y'ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga ; | i. management of Information Technology infrastructure ; | i. gestion de l'infrastructure de l'informatique ; |
| ii. umutekano n'inozwa ry'ibikorwa by'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ; | ii. safety and efficiency of the operations of e-money business; | ii. la sécurité et l'éfficacité des opérations de monnaie èlectronique ; |
| iii. Imicungire y'abakozi ; | iii. human resources management ; and | iii. gestion des resources humaines ; et |
| iv. no kurwanya ibikorwa by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba; | iv. anti-money laundering and Combating Financing of Terrorism; | iv. au blanchiment d'argent et à la lutte contre le financement du terrorisme ; |
| 6° uburyo bwo gutabaza bwikoresha n'ibigaragaza ibikorwa bikemangwa. | 6° automatic alerts and flags on suspicious transactions. | 6° aux alertes et des bannières automatiques sur les opérations suspectes. |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigomba kugenzura ko bifite uburyo bunoze bwo kurinda amakuru no kubungabunga ukuri kwayo. | E-money issuers shall ensure that they have systems that provide adequate data protection and data integrity. | Les émetteurs de monnaie électronique doivent veiller à ce qu'ils disposent des systèmes qui fournissent la protection suffisante de données et l'intégrité des données. |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Kubika inyandiko** | **<u>Article 30:</u> Record keeping** | **<u>Article 30</u>: Tenue de registres** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo | An e-money issuer shall keep appropriate | Un émetteur de monnaie électronique |

| | | |
|---|---|---|
| bw'ikoranabuhanga kigomba kubika neza inyandiko mu gihe cy'imyaka icumi (10). Izo nyandiko zirimo nibura: | records for a period of ten (10) years. Such records include but are not limited to: | conserve les documents appropriés pendant une période de dix (10) ans. Ces registres comprennent, sans s'y limiter, les éléments suivants : |
| 1° umwirondoro w'abakoresha amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 1° identification of e- money holder; | 1° identification des détenteurs de monnaie électronique ; |
| 2° ihanahanamakuru n'abakoresha amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga harimo na raporo nto igaragaza uburyo bayakoresheje; | 2° communications with e- money holder including user statements; | 2° communications avec les détenteurs de monnaie électronique, y compris les déclarations des utilisateurs ; |
| 3° inyandiko z'ibikorwa birebana n'imikoreshereze y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 3° transaction records; | 3° relevés de transactions ; |
| 4° inyandiko z'ibarwa ry'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga abitswe; | 4° calculations of average outstanding e-money ; | 4° calcul du solde moyen de la monnaie électronique ; |
| 5° inyandiko zigaragaza uko amafaranga y'abakoresha amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga yahujwe; | 5° reconciliations of users' funds ; | 5° rapprochements des fonds des utilisateurs ; |
| 6° dosiye z'intumwa zashyiriweho mu gutanga serivisi zo kwishyura; | 6° files maintained on the Agents appointed to provide payment services; | 6° dossiers des agents désignés pour fournir des services de paiement ; |
| 7° ubugenzuzi ku mukiliya bwakozwe ndetse n'imicungire y'imikoranire; | 7° costumer due diligence undertaken and relationship management; | 7° diligence exercée à l'égard de la clientèle et la gestion des relations ; |

| | | |
|---|---|---|
| 8° inyandikomvugo z'inama y'abacunga iby'abandi by'umwuga; | 8° records regarding management of Trust accounts; | 8° procès-verbaux du conseil de fidéicommissaire ; |
| 9° raporo z'ubugenzuzi bw'imari; | 9° financial Audit Reports; | 9° rapports d'audit financier ; |
| 10° raporo z'ubugenzuzi bw'imbere mu kigo; | 10° internal Audit Reports; | 10° rapports d'audit interne ; |
| 11° raporo zirebana no kubahiriza amategeko; | 11° compliance Reports; | 11° rapports de conformité ; |
| 12° n'inyandiko z'ibibazo n'uburyo bwo kubikemura. | 12° complaints record and handling. | 12° enregistrement et le traitement des plaintes. |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Kwemeza na raporo zihariye** | **<u>Article 31:</u> Approvals and specific reports** | **<u>Article 31</u>: Approbations et rapports spécifiques** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba gusaba Banki Nkuru uruhushya rwo gukora ibi bikurikira: | The e-money issuer shall request for Central Bank approval for the following cases: | L'émetteur de monnaie électronique doit demander l'approbation de la Banque Centrale pour les cas suivants : |
| 1° impinduka zigaragara zabaye zerekeye ibisabwa kugira ngo usaba ahabwe uruhushya; | 1° material changes of any of the items required to be included in the licensee's application; | 1° les changements importants de chacun des éléments qui doivent être inclus dans la demande du titulaire d'une licence ; |
| 2° buri ihererekanya ry'imigabane igaragara y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gitanga gusa serivisi zo kwishyurana. | 2° any transfer of a significant shareholding of the e-money issuer, which solely provide the business of payment services. | 2° tout transfert d'actions significatives de l'émetteur de monnaie électronique qui ne fournit que des services de paiement. |
| Buri kigo gitanga amafaranga ari mu buryo | Every non-deposit taking e-money issuer shall | Chaque émetteur de monnaie électronique |

| | | |
|---|---|---|
| bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa gikoresha ubugenzuzi ku bitabo by'ibaruramari n'uburyo bw'ikoranabuhanga byacyo kandi mu gihe cy'amezi ane akurikira isoza ry'umwaka w'ingengo y'imari, gishyikiriza Banki Nkuru ibi bikurikira: | get its books of accounts and IT systems audited and, within four months of the close of the financial year, submit to the Central Bank the following: | n'accceptant pas de dépôt doit obtenir ses livres de comptes et les systèmes informatiques audités et, dans les quatre mois qui suivent la clôture de l'exercice, soumettre à la Banque Centrale les informations suivantes : |
| 1° kopi ya raporo y'umugenzuzi w'imari; | 1° a copy of the auditor's report; | 1° une copie du rapport de l'auditeur ; |
| 2° raporo y'imari yagenzuwe yihariye kuri konti zihuriweho; | 2° separate audited financial statements for the trust accounts; | 2° états financiers audités distincts pour les comptes en fiducie ; |
| 3° raporo y'ubugenzuzi ku bijyanye n'umutekano mu ikoranabuhanga ku bikorwa bya serivisi zo kwishyurana n'ikigo cy'ubugenzuzi cyigenga cyemewe; | 3° a system security audit report by a reputable independent audit firm on its payment services; | 3° un rapport d'audit de sécurité du système par un cabinet d'audit indépendant de bonne réputation sur ses services de paiement ; et |
| 4° andi makuru yasabwa na Banki Nkuru ku bijyanye na serivisi z'imyishyuranire zacyo. | 4° any other information required by the Central Bank with respect to its payment services. | 4° toute autre information requise par la Banque Centrale à l'égard de ses services de paiement. |
| **<u>Ingingo ya 32</u> : Ubufatanye na Banki Nkuru** | **<u>Article 32</u>: Collaboration with the Central Bank** | **<u>Article 32</u>: Collaboration avec la Banque centrale** |
| Kugira ngo habeho ubufatanye na Banki Nkuru, buri kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba kumenyesha Banki Nkuru: | To ensure collaboration with the central Bank, each e-money issuer shall notify the Central Bank of any: | Pour assurer la collaboration avec la Banque Centrale, chaque émetteur de monnaie électronique doit notifier la Banque Centrale : |
| 1° itangira ry'ikirego cy'ingenzi | 1° commencement of any significant legal | 1° du début de toute procédure judiciaire |

| | | |
|---|---|---|
| gitangwa n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ikirego kiregwa icyo kigo; | proceedings by or against the e-money issuer; | importante effectuée par ou contre l'émetteur de monnaie électronique ; |
| 2° ibintu byose bifite cyangwa byagira ingaruka nini ku kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. Muri ibyo bintu harimo: | 2° any situations which impact or potentially impact on the e-money issuer to a significant extent. Such situations include but are not limited to: | 2° de toute situation ayant ou pouvant avoir une incidence importante sur l'émetteur de monnaie électronique. Ces situations comprennent, sans s'y limiter : |
| i. ibintu bigira ingaruka ku mari y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | i. situations that affect the finances of the e-money issuer; | i. les situations qui affectent les finances de l'émetteur de monnaie électronique ; |
| ii. ibintu bigira ingaruka kuri serivisi za buri munsi zitangwa n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | ii. situations that affect the day-to-day services rendered by the e-money issuer. | ii. les situations qui affectent les services quotidiens rendus par l'émetteur de monnaie électronique. |
| 3° ihazabu yose icibwa ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kiyiciwe n'izindi nzego zikireberera; | 3° the imposition on the e-money issuer of fines by another supervisory authority; or | 3° toute imposition à l'émetteur de monnaie électronique d'amendes par une autre autorité de supervision ; ou |
| 4° cyangwa igenzurwa ry'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga rikozwe n'izindi nzego zikireberera. | 4° on inspection and or an audit to the e-money issuer by another supervisory authority. | 4° toute inspection ou audit à l'émetteur de monnaie électronique par une autre autorité de supervision. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Imicungire y'ikomeza ry'imirimo**<br><br>Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba :<br><br>1° kugira ibikorwa remezo binoze kandi bibika amakuru ;<br><br>2° gushyira mu bikorwa gahunda y'isubukura miromo ni iy'ikomeza ry'imirimo ;<br><br>3° no gusuzuma buri gihe imikorere inoze y'ibikorwa remezo bibika amakuru na gahunda igaragaza uko imirimo ikomeza gukorwa.<br><br>Uretse ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyubahiriza kandi ibisabwa n'amabwiriza rusange agenga imicungire y'ikomeza ry'imirimo n'ubudahungabana bwayo mu bigo bigenzurwa. | **<u>Article 33</u>: Business continuity management**<br><br>The e-money issuer shall;<br><br>1° maintain proper backup infrastructure;<br><br>2° implement a disaster recovery and business continuity plans; and<br><br>3° periodically test the effectiveness of the backup infrastructure and business continuity plans.<br><br>Save the provision of this article paragraph one, the e- money issuer shall comply also with requirements of the regulation on business continuity management and operational resiliency for regulated institutions. | **<u>Article 33</u> : Gestion de la continuité des opérations**<br><br>L'émetteur de monnaie électronique doit :<br><br>1° maintenir l'infrastructure de sauvegarde appropriée ;<br><br>2° mettre en œuvre des plan de reprise en de continuité d'activités ; et<br><br>3° tester périodiquement l'efficacité du plan d'infrastructure de sauvegarde et de continuité des activités.<br><br>En plus de ce qui est prévu par cet article alinéa premier, l'émetteur de monnaie électronique doit aussi se conformer aux exigences du règlement sur la gestion de la continuité des activités et la résilience opérationnelle des institutions réglementées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA V</u>: IBYEREKEYE IMIKORERE** | **<u>CHAPTER V</u>: OPERATIONAL ARRANGEMENTS** | **<u>CHAPITRE V</u>: ARRANGEMENTS OPERATIONNELS** |
| **<u>Ingingo ya 34:</u> Ibikorwa byemewe n'ibitemewe** | **<u>Article 34</u>: Permitted and prohibited activities** | **<u>Article 34:</u> Activités autorisées et interdites** |
| Uretse itangwa ry’amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga, ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga bitakira amafaranga abitswa byemerewe gutanga serivisi zo kwishyurana byubahiriza amabwiriza yashyizweho. Iyo bitanga serivisi zo kwishyurana, ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga bishobora gukora ibikorwa bikurikira: | In addition to issuing e-money, a non-deposit taking e-money issuers may engage in the provision of payment services, where the conditions of applicable rules are met. In particular, the non-deposit taking e-money issuers may engage in any of the following activities: | En plus d’émettre la monnaie électronique, un émetteur de monnaie électronique n’acceptant pas de dépôt est habilité à exercer la prestation de services de paiement, si les conditions de règles applicables sont respectées. En particulier, les émetteurs de monnaie électronique n’acceptant pas de dépôt peuvent prendre part à l'une des activités suivantes: |
| 1° kwishyura amafaranga imbere mu gihugu; | 1° domestic payments; | 1° paiements domestiques; |
| 2° iyakira n’iyohereza ry’amafaranga mpuzamahanga bikoranye n’abatanga serivisi zo kuvunja amafaranga babifitiye uruhushya; | 2° inward and outward international fund transfers or payment in partnership with the authorised foreign exchange service providers; | 2° réception et envois de paiements internationaux en partenariat avec les prestataires agréés de change de monnaie ; |
| 3° ihererekanya ry’amafaranga imbere mu gihugu, harimo n’amafaranga aherekanywa akuwe kuri konti kandi akoherezwa kuri konti iri mu bigo by’imari; | 3° domestic money transfers, including to and from accounts held in financial institutions | 3° les transferts d'argent à l’intérieur du pays, y compris vers et en provenance des comptes tenus auprès des institutions financières ; |
| 4° ibikorwa by’imyishyuranire bitandukanye; | 4° bulk payment transactions; | 4° opérations de paiement en vrac ; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° ibikorwa byo kubika no kubikuza; | 5° cash-in and cash-out transactions; | 5° opérations d'encaissement ou de retrait ; |
| 6° ibikorwa by'ihererekaya ry'amafaranga hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | 6° over-the-counter transactions; | 6° opérations de gré à gré ; |
| 7° serivisi zo kuzigama hashingiwe ku masezerano y'imikoranire n'ibigo by'imari bibyemerewe; | 7° savings products in partnership with regulated banks and other deposit-taking institutions; | 7° produits d'épargne en partenariat avec les banques réglementées et d'autres institutions de dépôt ; |
| 8° serivisi z'inguzanyo hashingiwe ku masezerano y'imikoranire zitangwa n'ibigo by'imari byemewe; | 8° credit products in partnership with duly licensed financial institutions; | 8° produits de crédit en partenariat avec des institutions financières dûment autorisées ; |
| 9° serivisi z'ubwishingizi hashingiwe ku masezerano y'imikoranire n'ibigo by'ubwishingizi byemerewe; | 9° insurance products in partnership with a duly licensed insurer; | 9° produits d'assurance en partenariat avec un assureur dûment autorisé ; |
| 10° ibindi bikorwa cyangwa imirimo gishobora gusabwa na Banki Nkuru. | 10° any other operation or activity the Central Bank may prescribe. | 10° toute autre opération ou activité que la Banque Centrale peut prescrire. |
| Banki Nkuru ibinyujije mu mabwiriza itanga, ishobora kugabanya ibikorwa byemewe ku bigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa igasubizaho ibyari bibujijwe iyo ibonye ko bikwiye. | The Central Bank may, by Directive, restrict the permissible activities of emoney issuers or remove the restrictions so imposed as it considers appropriate. | La Banque Centrale peut, par la directive, restreindre les activités autorisées des émetteurs de monnaie électronique ou supprimer les restrictions imposées quand elle le juge opportun. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Gutanga no kwisubiza amafaranga** | **<u>Article 35</u>: Issuance and redeemability** | **<u>Article 35</u>: Émission et remboursabilité** |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitanga umubare w'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ungana n'umubare w'amafaranga byakiriye. | E-money issuers shall issue e-money at par value on the receipt of funds. | Les émetteurs de monnaie électronique doivent émettre la monnaie électronique à la valeur nominale de la réception des fonds. |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bisabwe n'ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, byisubiza igihe icyo ari cyo cyose kandi hakurikijwe umubare, amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bifite. | E-money issuers shall, upon request by the e-money holder, redeem, at any moment and at par value, the monetary value of e-money held. | Les émetteurs de monnaie électronique doivent, sur demande par le titulaire de la monnaie électronique, racheter, à tout moment et à la valeur nominale, la valeur monétaire de la monnaie électronique détenue. |
| Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, gusubizwa amafaranga bishobora kwishyurirwa andi mafaranga iyo byateganyijwe mu masezerano hagati y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | Without prejudice the paragraph 2 of this article, redemption may be subject to a fee if clearly stated in the contract between the e-money issuer and e-money holder. | Sans prejudice de l'alinéa 2 de cet article, le rachat peut être soumis à des frais si clairement indiqué dans le contrat entre l'émetteur de monnaie électronique et le détenteur de monnaie électronique. |
| Ku byerekeye ibiteganywa n'iyi ngingo, ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigenzura buri gihe ko amafaranga abitswe byisubije akurwa mu mafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga umunsi igikorwa cyo kuyakura mu kigo kibikijwemo amafaranga ahuriweho cyabereyeho. | For the purpose of this article, the e-money issuers shall always ensure that the float that was redeemed is completely deallocated from the e-money system on the same day when correspondent debit transaction was done in the institution holding the trust fund. | Aux fins du présent article, les émetteurs de monnaie électronique doivent toujours veiller à ce que l'encaisse qui a été rachetée soit complètement réallouée par le système de monnaie électronique le même jour où l'opération correspondante de débit a été faite dans l'institution gérant les fonds en fiducie. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Umubare ntarengwa w'amafaranga yohererezanywa n'abikwa** | **<u>Article 36</u>: Transaction and balance limits** | **<u>Article 36</u> : Limites de transaction et de solde** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba kumenya ko amafaranga ya nyiri konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'umubare ntarengwa w'amafaranga yohererezanywa bijyanye n'impamvu n'ubwinshi bw'ibikorwa birebana n'imikoreshereze y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | An e-money issuer shall ensure that the e-money account holder's wallet and transaction limit adopted is commensurate with the purpose and size of the transaction. | L'émetteur de monnaie électronique veuille à ce que la monnaie du titulaire de compte de monnaie électronique et la limite de transaction adoptée soient proportionnées à l'objet et la taille de transaction. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba kumenya ko umutekano uhagije n'ibikorwa by'uburinzi bishyirwa mu bikorwa kugira ngo hagabanwe ibyateza ingorane biturutse ku ikoreshwa ry'umubare ntarengwa w'amafaranga wagenwe. | An electronic money issuer shall ensure adequate security and operational safeguards are in place to mitigate any risks associated with the use of e-money within the specified wallet limit. | L'émetteur de monnaie électronique veuille à ce que les mesures de sécurité et des garanties opérationnelles adéquates soient en place pour atténuer tout risque associé à l'utilisation de la monnaie électronique dans la limite de monnaie spécifiée. |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba kubanza kubona inyandiko yemerera itangwa na Banki Nkuru mu gihe ingano y'amafaranga irenga miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 FRW). | An electronic money issuer shall obtain the Central Bank's prior written approval if the wallet limit exceeds fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000). | L'émetteur de monnaie électronique doit obtenir l'approbation écrite préalable de la Banque Centrale si la limite de monnaie dépasse cinquante million de francs rwandais (50.000.000 FRW). |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Ihererekanwa ry'amafaranga hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 37</u>: Over-the-counter transactions** | **<u>Article 37</u>: Opérations de gré à gré** |
| Ihererekanwa ry'amafaranga hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga byemerwa gusa umukiriya amaze kuzuza ibisabwa bikubiye mu mabwiriza ya Banki Nkuru n'ibindi bisabwa muri aya mabwiriza rusange. | The over-the-counter transactions shall be permitted only after that customer has satisfied the requirements specified in the directive issued by the Central Bank and other requirements specified in this regulation. | Les opérations de gré à gré qui ne nécessitent pas l'utilisation du compte de monnaie électronique d'un client sont autorisées uniquement après que le client a satisfait aux exigences spécifiées dans la directive de la Banque Centrale et règlement. |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga buri gihe ku bijyanye n'ibikorwa by'ihererekanywa ry'amafaranga hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigomba kugira ahantu hatandukanye bibika nibura amakuru akurikira yerekeye umukiriya wohereza amafaranga: | E-money issuers shall in all instances of over-the-counter transactions be required to capture under separate fields in their system at least the following information on the customer who is sending money: | Les émetteurs de monnaie électronique sont dans tous les cas des opérations de gré à gré exigés à enregistrer dans des champs séparés de leur système au moins les informations suivantes à propos du client qui envoie de l'argent: |
| 1° izina;<br>2° nomero ya telefoni na nomero ya konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ; na<br>3° nomero y'indangamuntu cyangwa pasiporo. | 1° name;<br>2° telephone number and e-money account number; and<br>3° the ID number or passport number. | 1° le nom;<br>2° le numéro de téléphone et le numéro de compte de la monnaie électronique; et<br>3° le numéro de la carte d'identité ou passeport. |
| Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga buri gihe ku bijyanye n'ibikorwa by'ihererekanywa ry'amafaranga | The e-money issuers shall in all instances of over-the-counter transactions promptly notify the receiver that the expected sender has | Les émetteurs de monnaie électronique dans tous les cas d'opérations de gré à gré avisent sans délai le récepteur que l'émetteur prévu a |

| | | |
|---|---|---|
| hatifashishijwe konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigomba kumenyesha ku buryo bwihuse uyakira ko uwohereza yakoze ihererekanya ry'amafaranga, kandi uyohereza amenyeshwa ko amafaranga yakiriwe. | transferred the amount, and the sender will obtain the notification that the money was received successfully. | transféré le montant, et l'expéditeur recevra la notification que l'argent a été reçu. |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Kubuza inyungu kuri konti ihuriweho** | **<u>Article 38</u>: Prohibition of interest on trust account** | **<u>Article 38</u> : Interdiction des intérêts sur le compte fiduciaire** |
| Konti ihuriweho na konti bwite y'amafaranga ari mu buryo bw'ikorarabuhanga iyishamikiyeho zikoreshwa gusa mu korohereza kwishyurana. Kubera iyo mpamvu, konti ihuriweho na konti bwite y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ntizibyara inyungu, keretse konti bwite y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ikoreshwa gusa nka konti yo kuzigama. | Trust account and related individual e- money account are only used for the purpose of facilitating payment services. As such, interests on trust account and interests on individual e- money account are prohibited unless the latter is explicitly used as a saving account. | Le compte fiduciaire et le compte de monnaie électronique individuel associé ne sont utilisés que dans le but de faciliter les services de paiement. À ce titre, les intérêts sur compte fiduciaire et les intérêts sur compte de monnaie électronique individuel sont interdits sauf si ce dernier est explicitement utilisé comme compte d'épargne. |
| **<u>Ingingo ya 39</u> : Ibaruramari n'itangazwa ry'amafaranga ahuriweho** | **<u>Article 39</u>: Accounting and disclosure of trust funds** | **<u>Article 39</u> : Comptabilité et divulgation des fonds fiduciaires** |
| Buri kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba kubika inyandiko na konti bigifasha igihe icyo ari cyo cyose kandi no mu buryo bwihuse, gutandukanya amafaranga abikiwe umwe mu bakoresha amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'amafaranga abikiwe n'undi uwo ari we wese bayakoresha hamwe | Every e-money issuer shall keep such records and accounts as are necessary to enable them at any time and without delay to distinguish funds held for one user from funds held for any other user and from the funds of the e-money issuer. | Chaque émetteur de monnaie électronique tient les registres et les comptes nécéssaires pour lui permettre à tout moment et sans délai de distinguer les fonds détenus pour un utilisateur des fonds détenus pour tout autre utilisateur et des fonds de l'émetteur de monnaie électronique. |

| | | |
|---|---|---|
| n'amafaranga y'ikigo ubwacyo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. | | |
| Kugira ngo habeho gutandukanya neza amafaranga ahuriweho n'amafaranga y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, amafaranga ahuriweho ntagomba gushyirwa muri raporo z'ibanze z'amafaranga y'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga. Amafaranga ahuriweho agomba kwerekanwa hepfo kuri raporo y'imari yerekana imiterere y'umutungo hamwe no gutangaza mu nyandiko raporo z'imari. | For the purpose of ensuring clear separation of the trust funds from the electronic money issuer assets, the trust funds shall not be included in the primary statements of the electronic money issuer. The trust funds shall be presented at the bottom of the Statement of Financial Position with disclosures in the notes of the financial statements. | Afin d'assurer une séparation claire des fonds fiduciaires et des actifs de l'émetteur de monnaie électronique, les fonds fiduciaires ne doivent pas être inclus dans les relevés primaires de l'émetteur de monnaie électronique. Les fonds fiduciaires doivent être présentés au bas de l'état de la situation financière avec des informations dans les notes des états financiers. |
| Gutangaza amafaranga ahuriweho bikurikira bigomba gukorwa mu nyandiko zerekeye raporo z'imari: | The following disclosures of trust funds shall be made in the notes to the financial statements: | Les informations suivantes sur les fonds fiduciaires doivent être fournies dans les notes aux états financiers : |
| 1º imiterere y'amafaranga ahuriweho ; | 1º the nature of the trust funds; | 1º la nature des fonds fiduciaires ; |
| 2º ibigo by'imari bifite amafaranga ahuriweho ; | 2º the financial institutions holding the trust funds; | 2º les institutions financières détentrices des fonds ; |
| 3º raporo z'inyungu zinjiye zose z'amafaranga ahuriweho ; | 3º statement of comprehensive income of the trust funds; | 3º état du benefice global des fonds fiduciaires ; |
| 4º raporo z'uko umutungo wa konti ihuriweho uhagaze, | 4º statement of financial position of the trust funds; and | 4º état de la situation financière des fonds fiduciaires, et |
| 5º n'amafaranga ayo ari yo yose cyangwa | 5º for any cash or cash equivalents | 5º Pour toute trésorerie ou équivalents de |

| | | |
|---|---|---|
| ibindi bihwanywa na yo bibarirwa mu mafaranga ahuriweho.<br><br>Kugira ngo habeho itangazwa rinoze ry'amafaranga ahuriweho, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba gutangaza raporo z'imari za konti zihuriweho, zagenzuwe mu mezi ane (4) akurikira irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari nibura muri kimwe mu binyamakuru bisomwa na benshi no ku rubuga rwacyo rwa interineti.<br><br>**<u>Ingingo ya 40</u>: Guhwanya ubwishyu**<br><br>Iyo ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa gifite amafaranga ahuriweho mu kigo cyakira amafaranga abitswa kirenze kimwe, ibikorwa by'ihwanyabwishyu byose bikorwa hashingiwe ku myishyuranire ikorwa hagati y'amabanki ndetse n'uburyo bwo kwishyurana bugenwa na Banki Nkuru.<br><br>**<u>Ingingo ya 41</u>: Kumenyekanisha igikorwa**<br><br>Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kimenyesha ku buryo bwihuse umukiriya wese ukoze igikorwa cy'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga igikorwa cyose cyakorewe muri serivisi y'amafaranga y'ikoranabuhanga. | belonging to the trust funds.<br><br>To ensure proper disclosure of trust funds**,** the e-money issuer shall publish audited financial statements for the trust accounts within four (4) months following the end of every financial year in atleast one newspaper of wide circulation and on its website.<br><br>**<u>Article 40</u>: Settlement of transactions**<br><br>In case a non-deposit taking e-money issuer holds the trust funds with more than one deposit-taking institution, all settlement transactions between the respective accounts shall be settled through the interbank payment and settlement system operated by the Central Bank.<br><br>**<u>Article 41</u>: Transaction notification**<br><br>The e-money issuer shall promptly issue to the customer who performs an e-money transaction, a notification on any transaction processed within the service money system. | trésorerie appartenant aux fonds fiduciaires.<br><br>Afin d'assurer une divulgation appropriée des fonds fiduciaires, l'émetteur de monnaie électronique doit publier des états financiers vérifiés pour les comptes fiduciaires dans les quatre (4) mois suivant la fin de chaque exercice financier dans au moins un journal à grande diffusion et sur son site web.<br><br>**<u>Article 40</u>: Compensation**<br><br>Si un émetteur de monnaie électronique n'acceptant pas de dépôt détient les fonds fiduciaires dans plus d'une institution de dépôt, tous les règlements des opérations entre les comptes bancaires respectifs sont réglés par le système de paiement et de règlement interbancaire géré par la Banque Centrale.<br><br>**<u>Article 41</u>: Notification des opérations**<br><br>L'émetteur de monnaie électronique doit délivrer sans délai au client qui effectue une opération de monnaie électronique, une notification sur toute opération traitée dans le système de service de monnaie. |

| | | |
|---|---|---|
| Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, imenyekanisha riba rigararagaza nibura ibi bikurikira: | Subject to the paragraph One of this article, a notification shall have, at a minimum, the following features: | Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, une notification doit avoir, au minimum, les caractéristiques suivantes: |
| 1° amafaranga y'igikorwa; | 1° transaction amount; | 1° montant de l'opération; |
| 2° ubwoko bw'igikorwa; | 2° transaction type; | 2° type d'opération; |
| 3° itariki n'isaha igikorwa cyabereyeho; | 3° transaction date and time; | 3° date et heure d'opération ; |
| 4° amafaranga umukiriya acibwa kubera icyo gikorwa; | 4° all applicable fees and charges to the transaction; | 4° tous les frais applicables à l'opération; |
| 5° amakuru yerekeye umwirondoro w'intumwa aho usabwa; | 5° agent identification details, where applicable; and | 5° données d'identification de l'agent, le cas échéant; et |
| 6° na nomero yihariye iranga igikorwa. | 6° a unique transaction reference number. | 6° un numéro unique de référence de l'opération. |
| Uburyo bw'ikoranabunga bw'utanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bugomba guha uwishyuye kuri buri gikorwa yakoze yishyura ariko ntigikunde, ubutumwa bugaragaza ko igikorwa cye kitabaye ndetse n'impamvu yabiteye. | The e- money issuer system shall produce error message to the payer for every failed transaction indicating the reason for such error. | Le système de l'emeteur du monnaie électronique doit produire un message d'erreur au payeur pour chaque opération échouée en indiquant la raison de telle erreur. |
| Ikiguzi cyo gukora igikorwa cyose, harimo n'amabwiriza yerekeye ihererekanya ry'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, haba hifashishijwe ubutumwa kuri telefoni cyangwa ubundi | The cost of processing any transaction, including electronic funds transfer instructions whether through SMS or any other means within the service-money system, shall promptly announce to the customer prior the | Le coût du traitement de toute opération, y compris les instructions de transfert des fonds électroniques, que ce soit par SMS ou tout autre moyen dans le système de service d'argent, doit annoncer sans délai au client |

| | | |
|---|---|---|
| buryo muri gahunda y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, kimenyeshwa vuba umukiriya mbere y'uko igikorwa cyemezwa kandi kigaragazwa mu mafaranga y'u Rwanda. | authentication of transaction and be denominated in Rwandan Franc. | avant l'authentification de l'opération et être dénommée en francs rwandais. |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Ikoranabuhanga rikoreshwa** | **<u>Article 42</u>: Technology to be used** | **<u>Article 42</u>: Technologie à utiliser** |
| Ikoranabuhanga rikoreshwa muri serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga rigomba kuba ryizewe kandi ribika ibanga, ukuri, kandi ryihagije. Ikoranabuhanga rikoreshwa muri serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, ryubahiriza amabwiriza rusange yerekeye umutekano w'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi. | The technology used for e-money services shall be secure and ensure confidentiality, integrity, authenticity, and non-repudiation. The technology implemented for e-money services shall comply with the technology and security standards by the cybersecurity regulation. | La technologie utilisée pour les services de monnaie électronique doit être sécurisée et assurer la confidentialité, l'intégrité, l'authenticité et la non-répudiation. La technologie mise en œuvre pour les services de monnaie électronique doit être conforme aux normes établies par le règlement sur la cybersécurité. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER VI</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 43</u>: Ingingo y'inzibacyuho** | **<u>Article 43</u>: Transitional provision** | **<u>Article 43:</u> Disposition transitoire** |
| Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitakira amafaranga abitswa gifite urushya, gishyira mu bikorwa ibikubiye mu ngingo ya 27 n'iya 28 z'aya mabwiriza rusange mu gihe cy'umwaka umwe (1) uhereye igihe aya mabwiriza atangiriye gukurikizwa. | The licensed non-deposit taking e-money issuer shall implement the provisions of the articles 27 and 28 of this regulation within a period of one (1) year from the date this regulation comes into force. | L'émetteur de monnaie électronique n'acceptant pas de dépôt agrée, met en œuvre les dispositions des articles 27 et 28 du présent règlement dans un délai d'un (1) an à compter de la date d'entrée en vigueur de ce règlement. |

| | | |
|---|---|---|
| Impushya z'ibigo bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zishobora guhagarikwa by'agateganyo mu gihe cy'amezi atatu (3), uhereye igihe cyirangira cy'inzibacyuho kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. | The licenses of the institutions mentioned in the paragraph one of this article may be suspended for a period of three (3) months upon the expiration of the transitional period specified in paragraph one of this article. | Les licences des institutions mentionnées au premier paragraphe du présent article peuvent être suspendues pour une période de trois (3) mois à l'expiration de la période transitoire spécifiée au premier paragraphe du présent article. |
| Iyo kutubahiriza ibisabwa gukomeje nyuma y'igihe cyo guhagarikwa by'agateganyo giteganywa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, Banki Nkuru ishobora gufata icyemezo cyo kwambura burundu impushya ibigo byavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. | In case the non-compliance persists after the suspension period as mentioned in paragraph 3 of this article, the Central Bank may revoke the licenses of the institutions mentioned in the paragraph one of this article. | Dans le cas où le non-respect persiste après la période de suspension mentionnée au paragraphe 3 du présent article, la Banque Centrale peut révoquer les agréments des établissements mentionnés au premier paragraphe du présent article. |
| **<u>Ingingo ya 44</u> : Ibihano byo mu rwego rw'ubuyobozi** | **<u>Article 44</u>: Administrative sanctions** | **<u>Article 44:</u> Sanctions administratives** |
| Utanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga utubahiriza ibivugwa muri aya mabwiriza ahabwa ibihano byo mu rwego rw'ubuyobozi biteganyijwe mu mabwiriza rusange yihariye agenga ibihano by'ubuyobozi bihabwa abatanga serivisi zo kwishyurana. | The e- money issuer that violates the provisions of this regulation shall be subject to administratives sanctions provided for in the specific regulation on administrative sanctions applicable to payment service providers. | L'émetteur de monnaie électronique qui viole les dispositions du présent règlement s'expose aux sanctions administratives prévues par le règlement particulier sur les sanctions administratives applicables aux prestataires de services de paiement. |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza** | **<u>Article 45</u>: Repealing provision** | **<u>Article 45</u>: Disposition abrogatoire** |
| Amabwiriza n° 08/2016 yo ku wa 01/12/2016 agenga abatanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'ingingo zose | The regulation n° 08/2016 of 01/12/2016 governing the electronic money issuers and all prior regulatory provisions inconsistent with | Le règlement n° 08/2016 du 01/12/2016 régissant les émetteurs de monnaie électronique et toutes les dispositions |

| | | |
|---|---|---|
| z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo bivanyweho. | this regulation are hereby repealed. | règlementaires antérieures et contraires au présent règlement sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 46</u>: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa** | **<u>Article 46</u>: Commencement** | **<u>Article 46</u>: Entrée en vigueur** |
| Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 01/09/2022<br><br>**(sé)**<br><br>**RWANGOMBWA John**<br>Guverineri<br>Governor<br>Gouverneur |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |